# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-3 | TARIKI 04-10 Werurwe 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw



Imvaho Nshya

Siporo

APR FC yanganyije na Rayon Sports mu mukino utaryoheye ijisho


AMAKURU

Gen (Rtd) Kabarebe yaso banuye uko intambara y'amoko muri RDC yototeye u Rwanda



2

AMAKURU

Minisitiri Dr. Bizimana ntiyemeranya n'Abarokore basenga mu ndimi



4

MU NTARA

Rutsiro: Bakora urugendo rw'isaha bashaka amazi meza



11

MU NTARA

Burera: Banenga bagenz babo babakwena ngo bagiye kwiga umwuga bakuze



12


# Ikibazo dufite ni umutekano- Perezida Kagame avuga ku bibazo bya RDC

NTAWITONDA JEAN CLAUDE

**Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yavuze ko u Rwanda rutarajwe ishinga n'amabuye y'agaciro ya Repubulika Iharanira demokarasi ya Congo (RDC), ko ahubwo icy'ibanze mu ntekerezo z'Abanyarwanda ari umutekano bifuza kubona mu gihe kirambye.**

Perezida Kagame yabigarutseho mu kiganiro 69 ' MINUTES' yagiranye n' umunyamakuru Mario Nawfa, cyagarutse ku ngingo zinyuranye zirebanai n'umutekano muke muri RDC, ibirego bishinjwa u Rwanda ndetse n'impamvu rukunda kugerekwaho kuba nyirabayazana w'umutekano muke muri icyo gihugu cy'abaturanyi.

Perezida Kagame yagaragaje uburyo u Rwanda rukomeza gutwererwa gusahura amabuye y'agaciro mu Burasirazuba bwa RDC binyuze mu guteza umutekano muke, mu gihe ari rwo ruhangayikishijwe n'umutekano warwo.

Impungenge z'u Rwanda ku mutekano muke zishingiye ahanini ku kuba Guverinoma ya RDC yarifatanyije n'umutwe w'iterabwoba wa FDL washinzwe n'abasize baruhekuye muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu mugambi wo guhungabanya umutekano no guhirika ubutegetsi bw'u Rwanda.

KOMEZA KU RUP.3



Abakora mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, bahamya ko u Rwanda rukungahaye ku mutungo kamere

## Madamu Jeannette Kagame yasabye abagore kuba ba Mutima w'u Rwanda

NYIRANEZA Judith

Madamu Jeannette Kagame yifurije abagore umunsi mwiza kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 8 Werurwe, ubwo hizihizwaga Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore, abashimira byinshi anabasaba kuba bamutima w'u Rwanda.

Ni ubutumwa yanyujije ku rukuta rwa X. Yagize ati: "Kuri uyu Munsi Mpuzamahanga w'Umugore, ndashimira by'umwihariko Abanyarwandakazi mwese mudahwema kugaragaza ubudaheranwa, ubupfura, kwihesha agaciro no gukunda igihugu, kuko nzi neza ubwitange ndetse n'uruhare rwanyu mu kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye."

Madamu Jeannette Kagame yanagarutse ku ntego ikomeye yo kuzirikanwa, ari yo bumwe bw'Abanyarwanda.

Ati: "Intego yacu ikomeze kuba iyo gukomera ku bumwe bwacu no kuba ba mutima w'urugo! By'umwihariko tube Mutima w'U Rwanda. Dukomeze rero kuba umusemburo w'impinduka nziza Igihugu cyacu cyiyemeje."

mu 1972, ugamije kugaragaza ibyagezweho mu iterambere ry'uburinganire bw'Abagabo n'Abagore,uburenganzira no kubaka ubushobozi bw'umugore. Abagore n'abakobwa ku isi hose bagira uruhare rukomeye mu kubaka ubukungu, umuco, politike n'iterambere muri rusange.

Ku rwego rw'Isi wizihijwe ku nshuro ya 53, naho mu Rwanda ni ku nshuro ya 50.

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Gen (Rtd) Kabarebe yasobanuye uko intambara y'amoko muri RDC yototeye u Rwanda

**KAMALIZA Agnes**

***Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Gen (Rtd) James Kabarebe, yasobanuye ko intambara imaze imyaka irenga 25 muri Repubulika ya Demorasi ya Congo (DRC) nta kindi igamije ari ugutsemba Abatutsi n'abavuga ururimi rw'Ikinyarwanda bose muri icyo gihugu no kubabuza uburenganzira bwabo.***



**Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Gen (Rtd) James Kabarebe, yasobanuye ko intambara y'amoko muri RDC atari iya none**

Ubwo yari mu nama nyunguranabitekerezo n'abagize Inteko Ishinga Amategeko ku miterere y'ingengabitekerezo mu Karere yabaye kuri uyu wa 5 Werurwe 2025, Gen (Rtd) Kabarebe yagaragaje ko iyi ntambara iri muri DRC ibaye ubugira gatanu kandi yatangiye mu 1996 nyuma y'uko Interahamwe zigizwe n'abasize bakoze Jenoside mu Rwanda binjiye muri icyo gihugu.

Yagize ati: "Izi ntambara zose zishingiye ku kwica Abatutsi bose no gutsemba abavuga Ikinyarwanda muri DRC muri rusange no kubabuza uburenganzira bwabo."

Yagaragaje ko intambara ya mbere yabaye mu Kwakira mu 1996 ari na yo yaje gukura Mobutu Sese Seko ku butegetsi.

Intambara ya kabiri yabaye mu 1998 na ho iya gatatu iba mu mwaka wa 2006-2009, yari iyobowe na Gen. Laurent Nkunda. Iya kane yo yabaye 2012-2013 yarwanywe n'umutwe wa M23, mu gihe iriho ku munsi wa none yatangiye mu mwaka wa 2021.

Gen (Rtd) Kabarebe avuga ko izingiro ry'ikibazo riri ku mpamvu intambara ibaye ubugira gatanu kose itarangira kandi bigirwamo uruhare rukomeye n'Imiryango Mpuzamahanga.

Ati: "Impamvu rero zitarangira ni ho ikibazo kiri, ese intambara iba inshuro eshanu kandi ntirangire ikiyitera ntikigweho ngo kibonerwe umuti? Aho ni ho ikibazo kiri, ariko imiryango mpuzamahanga na yo yabigizemo uruhare rukomeye cyane."

Yasobanuye ko mu 1994 abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda bagizwe n'Interahamwe n'abari muri Guverinoma bose, bagiye muri DRC batuzwa ku mupaka bikozwe n'Imiryango Mpuzamahanga ari na yo yabareberega ikabaha byose, batangira kwitoza no gukora imitwe ya gisirikare batangira no kugaba ibitero ku Rwanda.

Mu mwaka 1999 ngo haje Umuryango ukomeye wari ufite intego zirimo no gusenya umutwe wa FDLR, ugizwe n'abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi ariko batigeze babikora ndetse ko wakomeje gukora kugeza mu 2010 nyuma uza guhinduka MONUSCO ariko nubundi ntiwasenya FDLR, ahubwo mu 2013 bawongeraho uwitwa 'Force Brigade Intervation '(FBI)' babanza gusenya M23 ariko bavuga ko nibayirangiza bazakurikizaho FDLR.

Aho kuyisenya babanye na yo ndetse bakomeza gukorana bya buri munsi.

Mu mwaka wa 2024, imiryango irimo MONUSCO, Force Interavation Brigade, Ingabo z'Umuryango wa Afurika y'Amajyepfo (SADC) n'indi mitwe byaje kwiyunga ku ngabo za DRC bafatanya kurasa M23, ibyari ukurwanya FDLR bihindura inyito.

Gen (Rtd) Kabarebe ati: "Aho ni ho ikibazo gikomerera kiba urusobe. Uko giteye uyu munsi harimo uruhare rw'Imiryango Mpuzamahanga n'uko uwo muryango wifashe muri iki kibazo n'Akarere na nyirubwite ari yo DRC."

**Intambara iri muri DRC nta ruhare u Rwanda rwayigizemo**

Yakomeje agaragaza nta ruhare na ruto u Rwanda rufite mu ntambara iri muri DRC ndetse ko rutigeze rurugira ahubwo ko iheruka yatangijwe na DRC ubwayo mu mwaka wa 2021.

Mu 2013 ubwo M23 yasenywaga na FBI, abarwanyi bayo bamwe bahungiye mu Rwanda bamburwa intwaro zihabwa MONUSCO na yo izishyikiriza Leta ya DRC, bo bahungira mu nkambi y'impunzi i Kibungo.

Mu gihe abandi bahungiye mu gihugu cya Uganda babashyira mu nkambi yitwa Bihanga ariko ntibakwamburwa intwaro ari na bo mu 2021 batangiye intambara ku mupaka wa Uganda na DRC mu birunga Sabyinyo na Bunagana kandi naho ntaho hahuriye n'u Rwanda.

Ati: "Iyi ntambara uko iteye ntabwo u Rwanda rwayigizemo uruhare, ntirwigeze rutangira iyi ntambara ntirwigeze rushaka no kuyirwana ntirwigeze runayirwana. Uyu mutwe wa M23 ntabwo ari umutwe twari tuzi. Ni urwango ni urwitwazo rw'aho ikibazo cyose kibaye muri DRC kigomba kwitirirwa u Rwanda cyangwa bagomba gushakisha impamvu zose zazanamo u Rwanda."

Yagaragaje ko nyuma y'uko abo barwanyi bambuwe intwaro na Perezida Antoine Felix Tshisekedi akajya ku butegetsi mu 2018, umwaka wakurikyeho wa 2019 Leta y'u Rwanda yavuganye na we bumvikana ko agomba gutwara abantu babo ko bashaka gutaha mu mahoro na we arabyemera.

Yavuze ko hari abantu baturutse muri DRC bajyanwa mu nkambi yo mu Karere ka Ngoma tariki ya 19 Ukwakira 2019, basinya amasezerano ko bagiye kuza kubatwara.

Yagaragaje ko abo ntakindi izo mpunzi zasabaga uretse gutahuka gusa ariko Tshisekedi yaje kuzana urwitwazo avuga ko nta ngengo y'imari bafite yo kubacyura.

Ati: "Icyo gihe ntibigeze baza kubacyura bavuze ko babuze amafaranga kugeza aho u Rwanda rwavuze ruti niba ntayo mufite twe twabaha amakamyo bagera ku mupaka mukaza kubatora icyo gihe bavuze ko bagiye kubitekerezaho. Abo rero bari baraje mu Rwanda nta kibazo bateye nta n'ikibazo twari dufitanye na Congo."

Akomeza avuga ko mu 2021 Perezida Tshisekedi yashyizeho ibihe bidasanzwe mu bice bya Kivu y'Amajyaruguru na Ituri aho kurwanya FDLR ahubwo arwanya M23 gusa ngo yaje gushyiraho imishyikirano yagombaga kubera i Nairobi muri Kenya muri uwo mwaka ariko M23 ikigera aho yagombaga kubera ihita isohorwa mu nama.

Nyuma yo kwirukanwa yakomeje kurwana igera n'aho ifata Bunagana ariko Tshisekedi imbunda aho kuzerekeza Bunagana arasa mu Rwanda mu Kinigi mu Karere ka Musanze muri Werurwe 2022, muri Gicurasi ndetse na Kamena.

Icyo giye yatangiye kuvuga ko M23 agomba kuyirasa akayisubiza mu Rwanda.

**FDLR yashutse Tshisekedi ko izamufasha guhirika ubutegetsi bw' u Rwanda**

Gen (Rtd) James Kabarebe akomeza avuga ko DRC igitangira kurwana yifashishije umutwe wa FDLR, ukamushuka umwizeza ko bari bumufashe bakarwanya M23 bakayisubiza mu Rwanda, ko bitarenze ku wa 20 Kamena 2022 azaba yamaze gufata Kigali.

Icyo gihe mu Rwanda hari hagiye kubera inama ya 'CHOGM', y'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma y'Umuryango uhuza ibihugu bikoresha ururimi rw'Icyongereza Commonwealth (CHOGM), yabereye i Kigali kuva ku wa 20 kugeza ku wa 25 Kamena 2022.

Ati: "FDLR yamwijeje ko bari bumurasire M23 bamara kuyirasa bakayikurikira bakayigeza mu Rwanda ndetse ko n'inama ya CHOGM izajya kuba yamaze kugera i Kigali, yamaze no kumanika idarapo ya DRC muri Kigali. Abejenerali be barabimwizeza kandi koko arabisinda aranabyemera yemera ko binashoboka."

Gen (Rtd) Kabarebe yagaragaje ko mu bihe bitandukanye hagiye haba inama z'Abakuru b'Ibihugu bagize Afurika y'Iburasirazuba ndetse Perezida w'u Rwanda Paul Kagame agasaba Tshisekedi ko yarekeraho kurasa ku Rwanda kuko rudafite aho ruhuriye n'iyo ntambara ariko akabyanga.

Yagaragaje ko yamubwiye inshuro nyinshi ko abamurwanya bataturutse mu Rwanda, ko aho barwanira atari ku mupaka warwo ko nta mpamvu akwiye kurasa mu Rwanda; abivugira mu nama y'i Bujumbura mu Burundi, i Nairobi muri Kenya n'iya Addis Ababa muri Ethiopa ariko arinangira ahubwo akomeza gukaza umurego.

Leta y' u Rwanda ihora itangaza ko nta ruhare na ruto yigeze igira mu ntambara M23 ihanganyemo na DRC ahubwo ko icyo yafashe ari ingamba z'ubwirinzi no kurinda umutekano w'abaturage n'ubusugire bw'ubutaka bwarwo.





IBIKURIKIRA URUP.1

# Ikibazo dufite ni umutekano- Perezida Kagame avuga ku bibazo bya RDC

Nanone kandi imiyoborere mibi ya RDC ikomeje guha urwaho ukwisubiramo kw'urwango n'amacakubiri ari na byo shingiro by'intambara y'amoko yadutse mu Burasirazuba.

Perezida Kagame yavuze ko ibihugu byinshi bikomeye ku Isi bishinja u Rwanda guteza umutekano muke muri icyo gihugu cy'abaturanyi rukurikiyeyo amabuye y'agaciro, mu gihe ari byo bihakura umutungo kamere utagira ingano ufatiye runini iterambere ryabyo.

Muri icyo kiganiro, Perezida Kagame yavuze ko u Rwanda rushobora kuza ku ndiba y'urutonde rw'ibihugu amagana bifitiye inyota cyangwa byifuza amabuye y'agaciro ya Congo.

Ati: "Urebye ibihugu 100 byifuza amabuye y'agaciro ya Congo aho baba bavuye hose, mu Bushinwa, i Burayi, Amerika, Canada n'ahandi, harimo natwe twese bo mu Karere, u Rwanda rwaza ku mwanya w'ijana, rwaza ku ndiba."

Yavuze ko ikibazo kibaho ari uko u Rwanda ari rwo rwikorezwa umugayo w'abiba amabuye ya RDC kandi rutayitayeho mu gihe ruhanganye n'ibibazo by'umutekano muke bituruka muri icyo gihugu.

Yakomoje ku buryo ibihugu byungukira cyane ku gusahura imitungo kamere yo muri RDC ntacyo bisigaza inyuma, birangaza Isi bigereka ibyo bibazo ku Rwanda bikoresheje imbaraga z'itangazamakuru rikomeye bikoresha ndetse n'ubundi buryo ubwo ari bwo bwose.

Ati: "U Rwanda ni rwo rwabaye urwo kwitakana muri ibyo bibazo kubera ko urwo rutonde rw'abagera kuri 99 ku ijana ni ba bandi bafite ubushobozi bw'itangazamakuru n'ibindi byose. Nanone kandi kuri bo barungukira kuri politiki mbi ya Congo. Abenshi muri bo bashobora kuba bafite imigabane mu bigo byashinzwe ku bufatanye na Tshisekedi [Perezida wa RDC]…"

Aho ni ho yahereye agaragaza ko ikiraje ishinga u Rwanda atari amabuye y'agaciro, ahubwo ikirurangaje imbere cy'ibanze ari umutekano w'abaturage, kuko aho abandi bashobora kubifata nk'imikino u Rwanda rubibonamo ikibazo cyo gupfa no gukira.

Ati: "Ikibazo cyacu si amabuye y'agaciro. Nta ho gihuriye n'amabuye y'agaciro. Ikibazo cyacu kirebana n'umutekano, kandi igihe cyose tutizeye umutekano wacu w'igihe kirambye ntabwo dushobora gutekereza iby'amabuye y'agaciro. Icyo ni cyo cyaza inyuma mu bitekerezo byacu."

Ubushakashatsi butandukanye bwagiye bugaragaza ko mu gihe RDC yohereza mu mahanga hejuru ya 70% by'amabuye y'agaciro ya Cobalt akoreshwa mu gukora ibikoresho by'ikoranabuhanga, hejuru ya 80% y'ibirombe acukurwamo bicungwa cyangwa biterwa inkunga n'ibigo byo mu Bushinwa.

Bivuze ko RDC ifite umugabane ungana na kimwe cya kane cy'amabuye ya Cobalt akorwamo za telefoni, imodoka n'ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga.

Raporo y'Ikigo OEC yagaragaje ko RDC yohereje mu mahanga zahabu ifite agaciro ka miliyoni 21.1 z'amadolari ya Amerika, iza ku mwanya wa 125 ku rutonde rw'ibihugu biyohereza kandi muri uwo mwaka zahabu yari ibuye rya 20 mu mabuye yoherezwa mu mahanga cyane muri icyo gihugu.

# Madamu Jeannette Kagame yasabye abagore kuba ba Mutima w'u Rwanda

IBIKURIKIRA URUP.1

**Umugore ni uw'agaciro**

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore ni

**Inkomoko y'Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore**

Uyu munsi watangiye mu mwaka wa 1921, utangizwa mu rwego rwo kubahiriza abagore bigaragambije bwa mbere baharanira uburenganzira bwabo ku wa 8 Werurwe, 1917 mu gihe cy'impinduramatwara (revolution) y'abarusiya.

Uyu munsi rero watangiriye muri iki gice cya Aziya ariko uko iminsi yagiye yegera imbere niko wagendaga ukwira no mu Burayi na Amerika aho ku ya 28 Gashyantare, uhereye mu wa 1909 muri USA hizihizwa umunsi w'igihugu w'Abagore (National Woman's Day).

N'ubwo ariko wakomeje kuba umwihariko muri ibi bihugu mu mwaka wa 1977 nibwo ONU, yemeje uyu munsi maze uba umwe mu minsi 87 mpuzamahanga nk'umunsi Mpuzamahanga w'Abagore, aho ku isi yose mu bihugu



**Madamu Jeannette Kagame yifurije abagore Umunsi Mpuzamahanga w'Abagore mwiza, anabasaba kuba ba Mutima w'Igihugu**

byose abantu bizihiza uyu munsi bakongera gutekereza ku iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umugore.

Kuri uyu munsi mu bihugu bitandukanye abagore bagira umwanya uhagije wo kugaragaza ibitekerezo byabo, bakabasha kwerekana aho babona uburenganzira bwabo butubahirizwa, bakishimira ibyo bagezeho ndetse bakanategura ejo habo hazaza.

Ahenshi ku isi abagore bakora ibirori bikomeye ariko hari n'abahitamo kwigumira mu ngo iwabo bakishimira ko isi yabashije guha agaciro ibyo umugore amarira isi.

**Dore imwe mu myaka yagiye igaragaramo ibikorwa bitandukanye byagize akamaro mu kubahiriza uyu munsi mpuzamahanga wahariwe umugore.**

Mu 1909 mu kwezi kwa Gashyantare ku wa 28, muri Leta z'unze ubumwe z'Amerika, bizihije uwo munsi ku rwego rw' Igihugu, ubwo abari bagize igice cy'abasosiyarisite baharaniraga uburenganzira bujyanye n'imirimo umugore yakoraga n'iyo atemererwaga gukora.

Mu 1910 abasosiyarisite bashyize umunsi mpuzamahanga w'umugore mu rwego rwo guharanira uburenganzira bw'umugore no guca akarengane yagiririrwaga. Ibi bikaba byaremerejwe mu nama yaberaga i Copenhagen yari yahuje abagore bagera ku 100 bari baturutse mu bihugu bigera kuri 17, ariko icyo gihe nta tariki ndakuka yashyizweho.

Mu 1911 bishingiye ku byari byavugiwe mu nama yavuzwe haruguru, umunsi mpuzamahanga w'umugore wizihijwe ku buryo budasanzwe, ku nshuro ya mbere ku wa 19 Werurwe ubwo muri Austria, Denmark, u Budage n'u Busuwisi, abagera kuri miliyoni (abagore n'abagabo) bitabiriye uwo munsi bishyira hamwe basaba ko uburenganzira bw'umugore bwakubahirizwa ndetse banamagana ivangura iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina

Mu 1913 – 1914 umunsi mpuzamahanga w'umugore wabaye nk'inzira yo kwamagana intambara ya mbere y'Isi, nk'ihuriro ry'amahoro, aho icyo gihe mu Burusiya bizihije uwo munsi mu mpera z'ukwezi kwa Gashyantare, ndetse no mu bihugu bimwe byo ku mugabane w'u Burayi baje kuwizihiza ku wa 8 Werurwe mu mwaka wakurikiyeho, bityo abagore bishyira hamwe bamagana intambara, bashishikariza abantu kwishyira hamwe bagaharanira amahoro.

Mu mwaka wa 1917 mu gihugu cy'u Burusiya Inteko Ishinga Amategeko yatoye itegeko ryemerera umugore gutora.

Kuva muri icyo gihe cyose umugore yakomeje kugaragaza uruhare rukomeye mu kubaka iterambere ndetse no guharanira amahoro ku Isi, kugeza n'ubu uyu munsi urizihizwa ku Isi yose.

Mu mwaka wa 1995, inama mpuzamahanga yabereye i Beijing mu gihugu cy'u Bushinwa, yemeje ko umugore ku bushake bwe afite uburenganzira bwo gukora politiki, guhembwa no gukora imirimo imufitiye inyungu, no kuba mu muryango azira ihohoterwa n'ivangura.

Kuri uyu munsi akenshi Isi yose izirikana ibyiza byinshi abagore bagezeho, n'akamaro kabo mu buzima bwa muntu hatitawe ku bwenegihugu, ubwoko, ururimi cyangwa amashyaka ya politiki babarizwamo.

# Minisitiri Dr. Bizimana ntiyemeranya n'Abarokore basenga mu ndimi

KAMALIZA Agnes

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, (MINUBUMWE) Dr. Bizimana Jean Damascene ntiyemeranya n'indimi z'abarokore bavuga igihe buzuye Mwuka Wera kuko ngo ziba zidasobanutse kandi zitumvwa na buri wese.***

Agaragaza ko izo ndimi bavuga abenshi baba bazihimbye kuko ari imyuka iba ibavugiramo kandi zumvwa n'abazivuga gusa nyuma bakazisobanura uko babishaka.

Minisitiri Dr. Bizimana ashimangira ko izo ndimi nta numwe wumva icyo undi avuga ariko ururimi rw'Ikinyarwanda ari rwo ruhuza Abanyarwanda kandi buri wese akarusobanukirwa nta bundi busemuzi yifashishishije kuko ari wo musingi ubahuza.

Ati: "Abarokore hari igihe bajya bagira imyuka ibavugiramo mu ndimi. Izo ndimi iyo barimo bazivuga baba bazihimbye ntaziba zihari izo ndimi iyo barimo bazivuga nta numwe wumva icyo undi arimo avuga murumva ntacyo biba bimaze kuko ntawumva icyo undi avuga ariko Ikinyarwanda ukivuze wese undi aracyumva."

Nubwo avuga ibyo ariko abasenga mu ndimi bemeza ko ari ikimenyetso kibahuza na Mwuka Wera kandi ari ubwiru kuko ibyo mwuka avugira muri bo babisemurira abo Imana iba yabatumyeho.

Kwizera Derrick Herve, avuga ko ari Umuhanuzi kandi yize mu ishuri rya Bibiliya nyuma Imana imuha impano yo guhanura no gusenga mu ndimi.

Avuga ko kuba hari abatemera ko guhanura no gusenga mu ndimi bibaho atabibarenganyiriza kuko na Yesu yaje mu Isi ntibamwera.

Gusa yemeza ko abahakana ko izo mpano zibaho hari ubwo Mwuka Wera azabasanga akabemeza kuko bitakorwa n'imbaraga z'umuntu.



**Minisitiri wa MINUBUMWE, Dr. Bizimana Jean Damascene ntiyemeranya n'abarokore basenga mu ndimi**

Ati: "Iyo nsenga Mwuka Wera akanyuzura nisanga navuze mu ndimi kandi ni ibintu byizana ntabwo babihatiriza, yewe nta nubwo ari impano igirwa na buri wese kuko hari abahanura ariko batavuga mu ndimi, hari n'ababa bafite izo mpano zose biterwa n'ibyo Imana iba yahaye umuntu."

Akomeza avuga ko yahishuriwe ko gutindana n'Imana byimbitse kandi ugakora imirimo yo gukiranuka wisanga mu bwiza bwayo ikakubera inshuti kandi igatanga impano zitandukanye.

Ati: "Kwiyegurira Imana no kuyiha ibyange byose nkemera kwigomwa ibinezeza bijyanye n'irari ry'umubiri wanjye nkakurikira inzira zayo ni byo byatumye ingira inshuti ikampa izo mpano zose."

Hari na bamwe mu Bakirisitu bavuga ko bizerera mu nzira zose z'Imana harimo impano itanga zirimo; kuvuga mu ndimi no guhanura kandi bemera badashidikanya ibyo abahanuzi nyakuri bavuga.

Habimana Gabriel avuga ko hari uwamusengeye mu ndimi kandi ibyo yamubwiye byose yasanze ari ukuri kutavangiye kuko mu 2021 hari umuhanuzi wamubwiye ko Imana imurinze gupfa akenyutse azize impanuka kandi byamubayeho.

Ati: "Mu by'ukuri iyo bari gusenga mu ndimi ntabwo ibyo bavuga tuba tubyumva ariko iyo babisobanuye bihura n'ukuri kandi njye ibyo nabwiwe byose narabibonye kuko mu 2021 impanuka yari impitanye Imana ikinga akaboko kandi byose nari narabihanuriwe."

Bibiliya ivuga iki ku kuvuga izindi ndimi no guhanura?

Bibiliya Ntagatifu, mu gitabo cy'Abanyakorinto ba 1, Umutwe wa 14 kuva ku murongo wa 1-5 hagira hati:

"Ngaho rero nimukurikirane urukundo, kandi muharanire ingabire za Roho, cyane cyane iy'ubuhanuzi. 2. Kuko uvuga mu ndimi aba atabwira abantu, ahubwo Imana; koko kandi nta we uba amwumva; aba avuga ibimuri mu mutima ariko by'amayobera. 3. Nyamara uhanura we, aba abwira abantu, akabakomeza, akabashishikaza, akabahumuriza.

4.Uvuga mu ndimi ni we ubwe wiyungura, naho uhanura aba agiriye akamaro ikoraniro ry'abavandimwe. 5.Nakwifuza ko mwese muvuga mu ndimi, ariko icyo nahitamo ni uko mwahanura. Uhanura asumbye uvuga mu indimi, keretse rero nyirukuzivuga ashoboye no kuzisobanura, bigakomeza ikoraniro."

Inyandiko za Bibiliya zigaragaza ko ibitangaza byo kuvuga izindi ndimi byatangiriye i Yerusalemu, ku munsi mukuru w'Abayahudi wa Pentekote yo mu mwaka wa 33.

Aho Abigishwa ba Yesu bagera ku 120 bari bateraniye hamwe igihe 'buzuzwaga umwuka wera, bagatangira kuvuga izindi ndimi nkuko bigararagara mu gitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa 1:15; 2: 1-4.

Ibyakozw 2: 1-4 Hagira hati: "Ku munsi mukuru wa Pentekote, abigishwa bose bari bateraniye ahantu hamwe. 2 Mu buryo butunguranye humvikanye urusaku ruvuye mu ijuru rumeze nk'umuyaga mwinshi cyane, maze rwuzura inzu yose bari bicayemo. 3 Nuko babona indimi zimeze nk'iz'umuriro, maze zigenda zigabanya, ururimi rujya kuri buri wese muri bo, 4 bose buzuzwa umwuka wera, batangira kuvuga izindi ndimi kuko umwuka wera wari wabahaye ubushobozi bwo kuzivuga."

Intumwa Pawulo yo yavuze ko 'kuvuga mu zindi ndimi bitari ikimenyetso ku bizera, ko ahubwo byari ikimenyetso ku batizera nkuko bigaragara mu 1 Abakorinto 14:22.'

Gusa hari n'izindi nyandiko za Bibiliya zivuga ko kuvuga izindi ndimi no guhanura bizakurwaho.

Mu 1 rw'Abakorinto 13:8 hagira hati: "Urukundo ntiruzashira. Ariko impano zo guhanura zizakurwaho. Impano zo kuvuga izindi ndimi na zo zizagira iherezo n'impano zo kugira ubumenyi mu buryo bw'igitangaza, zizavaho."

Urubuga JW.ORG ruvuga ku nyandiko za Bibilya rugaragaza kuvuga izindi ndimi byarangiye mu mpera z'ikinyejana cya mbere. Kuri ubu nta muntu muri iki gihe ushobora kuvuga izindi ndimi abifashijwemo n'Imana.





# Uko Brig Gen Gakwerere yatinyuye abaturage gukora Jenoside i Butare

KAYITARE Jean Paul

***Ifatwa rya Brig Gen. Gakwerere Jean Baptiste ryagaruye amateka mabi mu mitwe ya benshi by'umwihariko abarokokeye Jenoside yakorewe Abatutsi mu yahoze ari Perefegitura ya Butare, aho uyu mugabo yagize uruhare rukomeye mu gutinyura abaturage gukora Jenoside.***

Ingabo za AFC/M23 mu mpera z'icyumweru gishize zashyikirije ingabo z'u Rwanda abarwanyi ba FDLR 14 bafatiwe mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo mu mpera z'ukwezi kwa Mutarama 2025.

Abarwanyi ba FDLR bafasha ingabo za Congo ndetse n'indi mitwe irimo Wazalendo, Abarundi, Abacanshuro, SAMDRC kurwana n'ingabo za M23 mu Burasirazuba bwa Congo.

Brig Gen Gakwerere Jean Baptiste ni we wari uyoboye abashyikirijwe u Rwanda, nyuma yo gufatirwa mu Mujyi wa Goma aho bivugwa ko yari yaraje kwivuriza.

Rutayisire François ukorera ubucuruzi bw'amahoteli mu Mujyi wa Butare, avuka mu Murenge wa Kibirizi mu Karere ka Gisagara hafi n'Umujyi wa Butare, yasobanuriye Imvaho Nshya uko Gen Gakwerere yari ku isonga mu gutegura Jenoside yakorewe Abatutsi mu yahoze ari Perefegitura ya Butare.

Brig Gen Gakwerere Jean Baptiste amuzi nk'umusirikare wakoreraga muri ESO-Butare ndetse akaba yari ku ruhembe mu bateguraga Jenoside yakorewe Abatutsi.

Yagize ati: "Yari mu basirikare bakoraga cyane mu gutegura Jenoside […] uriya na we yari arimo."

Rutayisire avuga ko bari bafite abayobozi hejuru, harimo



**Brig Gen. Gakwerere Jean Baptiste ryagaruye amateka mabi mu mitwe ya benshi**

na Col Muvunyi wafungiwe Arusha.

Ati: "Muri Jenoside Gakwerere yari umuntu wakoraga cyane nubwo na Col Muvunyi atari yoroshye kuko yari yaragiye kwica Abagogwe mu makuru dufite."

Rutayisire avuga ko Cpt Ildephonse Nizeyimana yahungiye muri Congo ajyanye na Gen Gakwerere ariko we asohoka muri Congo, anyura ku kibuga cy'indege cya Entebbe ari na ho yafatiwe ajyanwa Arusha.

Uyu Cpt Nizeyimana yabaga afite ikipe nini y'abasirikare n'interahamwe yayoboraga.

Ati: "Nizeyimana yohereje abantu n'abasirikare kwica Gicanda, hari n'abo Gakwerere yishe mu bitaro i Butare.

Hapfuye abantu benshi mu bitaro, abari bahungiyemo, inkomere nyinshi zose bajyaga kuzivanamo bakazica ndetse n'abasirikare b'Abatutsi bishwe na Gakwerere."

Hari abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi muri Butare, mu bihe bitandukanye bagiye bashinja Gakwerere.

Rutayisire yabwiye Imvaho Nshya ko Gen Gakwerere yazaburanishirizwa aho yakoreye icyaha.

Agira ati: "Igihe cyose azajya kuburana, nifuza ko yaburanishirizwa i Butare, abamushinja bazaboneka byanze bakunze barahari kuko hari abagihari biciwe abantu."

Akomeza avuga ko hari abantu benshi bafunze b'abasirikare bagenzi be bishe abantu hariya, bagiye bamuvuga mu manza za Gacaca.

Ngo hari abajyaga bahakana uruhare rwabo muri Jenoside yakorewe Abatutsi, bakavuga ko bari munsi ya Gen Gakwerere, abandi bakamushinja ko ari we wabatumaga kwica kandi abamushinjaga baracyahari nkuko Rutayisire yabitangaje.

Gakwerere yari umusore ufite ipeti rya Lieutenant ariko ngo ku ifoto yarabyibushye, nta gisa nkuko yasaga kera ariko ngo ibikorwa bye mu gihe cya Jenoside birazwi.

Umwihariko w'abasirikare bakuru mu yahoze ari Perefegitura Butare, ni uko kugira ngo abaturage batinyuke bajye kwica Abatutsi, Gen Gakwerere yabigizemo uruhare.

Ati: "Aba ba Gakwerere ni bo babwiye Interahamwe ngo nimudukurikire tubereke, kugeza ubwo abaturage bose bitabiriye gukora Jenoside ariko noneho bano umwihariko wabo ukomeye nuko batangije Jenoside ku buryo bumaraho."

Ahamya ko Gen Gakwerere ari we wagiye imbere agatinyura abaturage, we n'abandi basirikare bashishikarije abaturage kwica Abatutsi.

Abasirikare bari i Butare iyo badashishikariza abaturage gukora Jenoside ntiba yarabaye ku kigero yabayeho.

Ati: "Jenoside bayitegura, bayiteguranye ubukana n'uburyo bwose."

Abakomeje guha Gen Gakwerere amazina atandukanye, ngo ni abagamije kwerekana ko atari we wakoze Jenoside i Butare.

Rutayisire avuga ko ari ukuyobya uburari mu rwego rwo guhakana Jenoside.

Izina rya Gakwerere ryagarutsweho cyane mu gihe cy'inkiko Gacaca kandi ashinjwa n'interahamwe ndetse n'abasirikare bagenzi be.

Ikintu gikomeye abarokokeye i Butare bifuza ko bakorerwa, ngo nuko Gen Gakwerere yaburanishirizwa aho yakoreye icyaha.

Urugero rutangwa ni urw'uko na Burugumesitiri wa Nyakizu na we yaburaniye aho yakoreye icyaha bityo ko na Gakwerere aburaniye aho yakoreye ibyaha, ibyo yavuga abeshya bamunyomoza.

Ati: "Azaze hariya abantu bamubone neza, nta kintu cyiza nko kubona umuntu wakwiciye akamara abantu bawe akagenda nyuma ukamushinja muri kumwe.

Ikindi ni uguhabwa ubutabera bukwiye, abantu bamaze Abatutsi kuriya nta kindi gishoboka cyaruhura umutima wacu, ni uko bahanwa nyine kandi ku buryo bukwiye kuko bariya bantu bamaze abantu benshi."

Curé Ngoma, Umuvugizi wa FDLR aherutse gutangaza ko Brig Gen Gakwerere washyikirijwe u Rwanda, yari mu buyobozi bukuru bw'uyu mutwe ugizwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ku ifatwa rya Gen Gakwerere, Curé Ngoma yasobanuye ko yari amaze igihe kinini arwariye mu Mujyi wa Goma mu Burasirazuba bwa Congo ari na ko yihishahisha.

# Abanyarwanda 44 bamaze gusimburizwa impyiko mu Rwanda

NYIRANEZA Judith

***U Rwanda rwashyize imbaraga mu rwego rw'ubuzima kugira ngo ubuvuzi bukenewe buboneke ku buryo bworoshye batarinze kujya kwivuriza mu mahanga, guhera mu 2023 kugeza ubu abarwayi 44 bamaze guhindurirwa impyiko bikorewe mu Rwanda.***



**Gusimbuza impyiko byatangiye gukorerwa mu Rwanda , 44 ni bo bamaze kuzihindurirwa**

Byatangajwe n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuzima, Dr. Yvan Butera, ubwo yari mu Nteko Ishinga Amategeko, abitangarije Abadepite bagize Komisiyo y'Imiyoborere, Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagore, ku wa Kane tariki ya 6 Werurwe 2025.

Yagize ati: "Abanyarwanda 44 bamaze gusimburizwa impyiko bikorewe mu Rwanda, kuva twatangira iyo gahunda kuko mbere hari abantu twoherezaga kujya kwivuriza hanze, ariko 44 bamaze gusimburizwa impyikao bose bameze neza."

Gusimburiza abarwayi impyiko mu Rwanda byatangiye muri Gicurasi 2023, bikorerwa mu bitaro byitiriwe umwami Faisal.

Kuba gusimbuza impyiko bikorterwa mu Rwanda byorohereza abivuzaga hanze kuko gusimbuza impyiko iyo bikorewe mu Buhinde bitwara amafaranga ari hagati y'amadolari ya Amerika 7400 na 14000, bitewe n'imyaka y'umurwayi, ubwoko bw'amaraso ye, ibitaro yagiye kwivurizamo n'ibindi.

DrYvan Butera yagaragaje imibare y'abamaze guhabwa serivisi yo kubaga umutima kuva iyo gahunda yatangoira mu Rwanda mu 2022.

Ati: "Ikindi ni ukubaga umutima, tumaze kugaba abana 356 hano mu Rwanda n'abakuru 185 muri iki gihe twatangiye kubavurira hano mu Rwanda mu 2022."

Ku bijyanye n'indwara y'impyiko,yavuze ko ibiciro buo kuyungurura amaraso byagabanyutse kandi bizakomeza kugabanywa ngo byorohere abakenera iyo serivise.

Ati: "Kuyungurura amaraso (dialyse) byavuye ku bihumbi 150 imaze kugera hagati ya 45 kugeza 75 ariko turashaka kubimanura munsi kurushaho mu mpera z'uyu mwaka bikaba byaragabanyutse."

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuzima, Dr. Yvan Butera yavuze ko igiciro cyo guca mu cyuma byagabanyutseho 64%.

Yagize ati: "Igiciro cyo guca muri scanner no muri MRI cyagabanyutseho 64% hanyuma n'abarwayi twohereza hanze baragabanyutse kuko serivisi bazibona, ni ukuvuga ko serivizsi abaturage bifuza bagenda bazibona ku gihe kandi bakazibonera ku giciro kitari hejuru cyane."

# Umunyarwanda yahawe guhagararira amashami ya Loni muri Madagascar

NTAWITONDA Jean Claude

***Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye António Guterres, yagize Umunyarwanda Ngororano Anthony Umuhuzabikorwa w'amashami y'Umuryango w'Abimbye mu gihugu cya Madagascar.***



**Anthony Ngororano yagizwe Umuhuzabikorwa w'amashami y'Umuryango w'Abimbye mu gihugu cya Madagascar**

Guverinoma ya Madagascar yemeje Anthony Ngororano ufite ubunararibonye bw'imyaka isaga 20 mu gukorera imiryango mpuzamahanga ku wa 1 Werurwe 2025.

Uyu mugabo wigeze kuba Umunyamabanga Uhoraho mu Biro bya Minisitiri w'Intebe mu Rwanda, yari ahagarariye Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere(UNDP) guhera tariki ya 11 Nyakanga 2022.

Mbere y'aho yanabaye uhagarariye UNDP mu gihugu cya Mauritania aho yakomeje kugaragaza ubunararibonye n'ubuyobozi mu bijyanye no kubaka iterambere rirambye mu nzego za Loni ndetse no mu rwego rw'abikorera.

Mbere y'inshingano yahawe muri Mauritania, Ngororano yabaye Umuyobozi w'Ibiro by'Umuyobozi Mukuru w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mibereho Myiza y'Abaturage (UNFPA) i New York muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.

Yanakoze n'indi myanya inyuranye mu mu Ishami ry'Umuryanhgo w'Abibumbye rishinzwe Guteza Imbere Abagore (UN Women) harimo kuba yaranabaye uhagarariye iryo shami muei Haiti, akaba n'Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Afurika rikorera i New York muri USA.

Yakoze nk'Umujyana Mukuru wa Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda mu by'Ubukungu, aho yari Umunyamabanga Uhoraho, ariko mbere y'aho akaba yaranakoze imyanya itandukanye muri UNDP.

Yabaye Umujyanama wa UNDP ishami ry'Afurika aho yari ashinzwe Politiki, igenamigambi, na gahunda zayo muri Nigeria, Zambia, n'u Rwanda.

Yanakoze muri Banki ya Citigroup N.A muri Kenya no muri Tanzani, nyuma yo gutangirira umwuga we muri Minisiteri y'Imari, Igenamigambi n'Iterambere ry'Ubukungu muri Uganda.

Ngororano afite impamyabumenyi y'icyiciro cya Gatatu cya Kaminuza (Master's) mu bijyanye n'Ubukungu bugamije iterambere yakuye muri Kaminuza ya East Anglia n'iy'Ububanyi n'Amahanga yakuye muri Kaminuza ya Sussex mu Bwongereza.

Nanone kandi Ngororano afite impamyabumenyi y'icyiciro cya Gatatu cya Kaminuza mu Bukungu yakuye muri Kaminuza ya Edinburgh.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

## *Amabuye y'agaciro ntiyahunze u Rwanda*

Imyaka isaga 100 irashize mu Rwanda hatahuwe amabuye y'agaciro nk'uko byagaragajwe n'ubushakashatsi bunyuranye bwakozwe kuva mu gihe cy'abami, ariko biratangaje kuba muri iyi minsi humvikana inkuru zivuga ko nta mabuye y'agaciro ahaboneka.

Ku bw'inyungu za Politiki, bamwe bavuga ko bitumvikana uburyo u Rwanda ruza mu bihugu by'imbere byohereza amabuye y'agaciro menshi ku Isi, bakavuga ko ayo rucuruza ku isoko mpuzamahanga ruyasahura mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Amateka agaragaza ko kuva mu gihe cy'ubukoloni, mu Rwanda hacukurwaga amabuye y'agaciro by'umwihariko mu nyungu z'ibihugu byarukolonije ari na byo byakoze ubushakashatsi bugaragaza ahaboneka amabuye y'agaciro arimo Wolfram, Gasegeteri, Colombite na Tantalite (Tin, Tantalum, Tungsten).

Uretse n'ibyo kandi mu butaka bw'u Rwanda habonekamo zahabu n'andi mabuye y'agaciro adatandukanye n'aboneka mu Burasirazuba bwa RDC bwirahirwa n'amahanga ko bubitse umutungo kamere utagira ingano.

Mu gihe ayo mabuye y'agaciro yacukurwaga n'abanyamahanga, nta wigeze agira ikibazo cyangwa ngo ashidikanye ku kuba hari aturuka mu Rwanda nk'uko yavaga n'ahandi mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Ariko uyu munsi mu gihe amahanga aharanira kurinda inyungu z'ubucukuzi bukemangwa mu Burasirazuba bwa RDC, yafatanyije na Guverinoma y'icyo gihugu kwegeka ku Rwanda ibibazo by'umutekano muke no kutabona umusaruro uhagije w'ayo mabuye.

Amabuye y'agaciro ni umutungo kamere udashobora guhagarikwa n'imbibi zakaswe n'abakoloni cyangwa ngo abe yahunga Igihugu kubera ubushake bw'abatacyifuriza ineza ku bwo kwikunda kwabo.

Kugeza n'uyu munsi, mu Rwanda haboneka ibigo bisaga 140 bikora kinyamwuga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro yo mu bwoko butandukanye. Mu mwaka wa 2023, urwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bwinjirije u Rwanda miliyari 1.1 z'amadolari ya Amerika bukaba butanga umusanzu wa 3% ku bukungu bw'Igihugu.

Imibare igaragaza ko u Rwanda rutunganya hagati ya toni 8.000 na 10.000 buri mwaka, amadovize yinjira akaba ashingira ku giciro kigezweho.

Kuba ruza ku mwanya wa gatatu ku Isi inyuma ya Australia na RDC mu gutunganya amabuye y'agaciro ya Tantalite ntibyakabaye ikibazo bitewe n'imbaraga zishyirwa mu gukora ubucukuzi bw'umwuga.

Mu gihe ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bukomeza kubyazwa umusaruro, buzakomeza kuba inkingi ya mwamba ku bukungu bw'Igihugu hatitawe ku bagerageza gupfobya imbaraga u Rwanda rushyira mu gukumira ibyago byose bikomoka ku bucukuzi butemewe bubera ibindi bihugu isibaniro rya magendu n'umutekano muke.

# Amahanga arindagizwa n'ibinyoma, inyungu za politiki n'ubukungu mu kibazo cya RDC -Dr Kalinda

ZIGAMA Theoneste

***Perezida wa Sena y'u Rwanda, Dr Kalinda François Xavier, yagaragaje ukuntu amahanga agendera ku binyoma, inyungu za Politiki n'ubukungu akanga gukemura ikibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), akagitwerera Rwanda.***

Yabikomojeho ku wa Gatatu tariki ya 5 Werurwe 2025, mu Nama Nyunguranabitekerezo yateguwe n'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda, imitwe yombi, yagarukaga ku miterere y'ingengabitekerezo ya Jenoside mu Karere, ingaruka zayo n'ingamba zo kuyirwanya.

Yibukije ko u Rwanda rwanyuze mu mateka ashaririye ya Jenoside yakorewe Abatutsi ariko rukabasha kubyikuramo rwemye kandi rukomeje kurwanya ingabitekerezo yabyo.

Ku kibazo cya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, amahanga kuva mu myaka myinshi ishize, akomeje kubogamira kuri iyo Leta, akanga kuyifasha gukemura ikibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba.

Yagize ati: "Amahanga yakomeje kurindagizwa n'ibinyoma n'inyungu za politiki n'ubukungu, nkuko bigaragara muri iki gihe."

Yavuze ko amahanga akomeje kurebera ibikorwa by'ubugome ubwicanyi n'ingengabitekerezo bihemberwa na Leta ya Congo ifatanyije n'umutwe w'iterabwoba wa FDLR, ugizwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, unagamije guhungabanya umutekano w'u Rwanda.

Yongeyeho ati: "Ibi byiyongeraho amagambo y'ubushotoranyi no gukangisha intambara aho Perezida Tshisekedi, ubwe yatangaje umugambi wo gutera u Rwanda no guhirika ubutegetsi bw'Igihugu cyacu."

Yavuze ko muri iki gihe amahanga yahisemo kwirengagiza ibibazo by'ingengabitekerezo ya Jenoside yakorewe Abatutsi, Inteko Ishinga Amategeko ishikamye mu gushyigikira gahunda z'igihugu kiyobowe na Perezida Paul Kagame no kurwanya ingengabitekerezo aho iva ikagera.

Muri iki gihe ibihugu bitandukanye bigenda bigaragaza gufatira u Rwanda ibihano birushinja gufatanya n'umutwe wa M23, uhanganye mu Ntambara n'igisirikare cya Leta ya Congo, gifatanya n'ingabo z'u Burundi, FDLR, imitwe ya Wazalendo, n'ingabo z'Umuryango w'Ubukungu bw'Afurika y'Amajyepfo (SADC) n'acanshuro bo mu bihugu by'u Burayi.

Ibyo bihano byakomeje kwiyongera nyuma yaho uwo mutwe wigaruriye imijyi ikomeye irimo uwa Goma, umurwa mukuru wa Kivu y'Amajyaruguru, n'uwa Bukavu, ufatwa nk'Umurwa Mukuru wa Kivu y'Amajyepfo.

Nubwo Leta ya Congo yasabwe n'imiryango itandukanye ngo igirane ibiganiro n'Umutwe wa M23, urwanira uburenganzira bw'Abanyekengo bavuga Ikinyarwanda, bo mu bwoko bw'Abatutsi n'Abanyamulenge bakomeje kwicwa no guhohoterwa, Leta ya Congo yakomeje kwinangira igaragaza ko ikomeje intambara.

Perezida wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, Félix Antoine Tshisekedi aherutse gutangaza ko agiye kureba uko yakorana na Leta Zunze Ubumwe za Amerika n'ibindi bihugu by'i Burayi mu bijyanye n'ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro y'igihugu cye, kugira ngo na byo bimufashe guhangana na M23.

Binyuze muri uyu mugambi, Tshisekedi yifuza ko ibi bihugu by'u Burayi na Amerika birushaho gushyira igitutu ku Rwanda, ashinja gufasha umutwe wa M23.

Ashimangira ko guha amabuye y'agaciro ibi bihugu bishobora gutuma iki gitutu cyiyongera, ndetse igihugu cye kikabona amahoro.

Ni mu gihe ibihugu nk'u Bubiligi buza ku isonga mu gusahura umutungo wa RDC, u Budage na Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Canada n'u Bwongereza byatangiye gushyira igitutu ku Rwanda ndetse birukangisha n'ibihano.

Ku ikubitiro, Amerika yahise inafatira ibihano Gen (Rtd) James Kabarebe usanzwe ari Umunyamabanga wa Leta ushinzwe ubutwererane bw'Akarere muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga, imushinja kuba umuhuza w'u Rwanda na M23.

Leta y'u Rwanda yakomeje kwamagana ibyo bihano ivuga ko nta shingiro bifite ndetse ko bidatanga umuti w'ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Icyo kibazo gikomeje kugaragaza imvugo z'urwango n'ihohoterwa rishingiye ku ngengabitekerezo ya Jenoside, ikwirakwiza na FDLR na Leta ya Congo, byatumye abaturage b'Abanyekongo biganjemo abavuga ikinyarwanda bo mu bwoko bw'Abatutsi n'Abanyamulenge bakurwa mu byabo.

Ubu u Rwanda rucumbikiye abarenga ibihumbi 100 bari mu nkambi zitandukanye, bakaba bamaze imyaka isaga 30 bari mu buhungiro.

# Ntibitangaje, Ababiligi ni uko batubereye kuva kera- Tito Rutaremara

KAYITARE Jean Paul

***Tito Rutaremara ni Umuyobozi w'Urwego Ngishwanama rw'Inararibonye z'u Rwanda. Ibikubiye muri iyi nyandiko ni ibitekerezo bye bwite.***

Iki kiganiro turabereka uko Ababiligi bashenye igihugu cyacu, tuze no kureba uko Ababiligi bateje ingorane zikomeye ku bantu barwanyaga Leta ya Habyarimana ariko tuze no kureba uko iki kibazo cya Congo ari bo bagiteye.

**Uko Ababiligi bashenye u Rwanda**

Uko Ababiligi bateje ingorane nini, abantu barwanyaga Leta ya MRND na Parmehutu.

Ububiligi bumaze gusenya u Rwanda hari impunzi nyinshi za UNAR n'abandi bahunze Leta ya Parmehutu na MRND zahungiye mu bihugu byinshi bya Afurika.

Izagerageje kujya mu Bubiligi; Ububiligi ntibwashakaga izo mpunzi, ni izo bakiriye zari nkeya cyane kandi zitoranyije.

Hari impunzi nke cyane zakiriwe zihabwa uburenganzira bw'ubuhunzi.

Hari impunzi zari mu Bubiligi zitagira impapuro kandi zimwe zihamara imyaka myinshi zitagira uburenganzira na buke. Hari zimwe zabonaga ubuhunzi cyangwa ubwenegihugu ari uko bakoze mariage itariyo bakarongorwa cyangwa bakarongora Ababiligi ariko Ababiligi bakabikorera abo banyarwanda bumvikanye uko bazajya bagabana imishahara cyangwa ubundi buryo bazabishyura.

Ariko hari abandi bake babonaga ubwenegihugu ari uko barongowe n'Ababiligi ariko abo bari mbarwa. Ababiligi ntabwo bifuzaga izo mpunzi iwabo.

Aho intambara ya RPF itangiriye; ibihugu byatabaye ako kanya ni Ububiligi, Ubufaransa na Zaire bajya kurwanirira Habyarimana. Ariko Ababiligi baza gutererana u Rwanda (sibwo bwa mbere kandi sibwo bwa nyuma). Impamvu batashye; Leta yabo yari igizwe n'amashyaka 5.



**Umuyobozi w'Urwego Ngishwanama rw'Inararibonye z'u Rwanda,Tito Rutaremara**

Imwe muri ayo mashyaka bamaze kubona ukuntu mu ntambara abasirikare baba – zaïrwa bari kwitwara ku rugamba basahura, bafata abagore ku ngufu, bakora ibindi biteye isoni bikagaragara kuri za television zo mu burayi.

Abadepite ba rimwe muri ayo shyaka batera hejuru bati; abasirikare bacu ntabwo bakwiye kurwana ku ruhande abazayirwa barwanaho.

Bityo Ababiligi batererana inshuti yabo Habyarimana ku rugamba ariko bakomeza kumuha amafaranga n'intwaro.

Nyuma y'amasezerano y'Arusha; muri MINUAR Ababiligi nibo bohereje battalion ifite abasirikare benshi n'intwaro nyinshi ngo barebe uko bafasha inshuti yabo Habyarimana.

Aho abasikare n'abanyepolitike ba RPF baziye muri CND; abasirikare b'Ababiligi basabye ko ari bo barinda abo basirikare 600 n'abanyepolitike ba RPF, bakababuza gusohoka, ababonye uruhushya rwo gusohoka akaba ari bo babasaka basohotse, bakanaherekeza aho bagiye hose nko ku Murindi; (basaga nka abahumuriza Habyarimana ko bamurindiye RPF ntacyo bazakora bahari.)

Aba basirikare b'Ababiligi hari aho bakoze ububwa. Baherekeje inkotanyi ku Murindi mu kugaruka abajandurume bo kwa Habyarimana bateze ambush barasa abasore ba RPA mu Gatsata.

Abasore ba RPA bajya mu miferege barwanya abajandarume ba Habyarimana; abasirikare b'Ababiligi aribo bagombaga kubarinda nk'abantu bari bafite za tank n'imbunda; babibonye bariruka barakata bisubirira Byumba aho abasirikare ba MINUAR bari bari.

Abacu bari mu Gatsata bahamagara abari muri CND; Ababiligi bari CND babanza kwangira abasirikare ba RPA bari CND kujya gutabara bagenzi babo.

Ariko abasirikare b'Ababiligi barabyanga; abasirikare ba RPA babanyuraho ku ngufu bajya gutabara abo mu Gatsata; barwanya abajandarume ba Habyarimana barabirukana. Ababiligi bisubiriye Byumba bagarutse ku munsi ukurikiye.

Hari abantu bibaza niba Ababiligi barajyanywe no kutwanga cyangwa ubwoba; njye mbona ari byombi.

Roméo Dallaire warukuriye MINUAR; yaje kutureba nka abanyepolitike bari muri CND (yari njye, Patrick Mazimpaka na Seth Sendashonga) ati: ibyo Mwakoze ntabwo aribyo.

Turamubwira tuti: genda ubaze neza kandi utekereze ejo uzaze kutubwira. Bucyeye aza adusaba imbabazi ati: rwose mumbabarire ahubwo ninjye ufite isoni ahandi aho twibaza ko Ababiligi bagize ubwoba ni aho; abasirikare ba Habyarimana bishe Premier Minister Agatha,

Aho abasirikare ba Habyarimana bafashe abasirikare b'Ababiligi barindaga Agatha, babambura intwaro babicaza hasi, ariko umusirikare umwe w'Umubiligi arabacika n'imbunda yinjira mu nzu arwanya abasirikare ba Habyarimana; baramurwanya ariko babonye ko abagoye bajya kuzana imbunda nini yo guturitsa iyo nzu umusirikare w'umubiligi yarimo.

Icyo wakwibaza ni kuki abasirikare b'Ababiligi bari muri Kigali hirya no hino (hari bari muri CND, hari abari Kicukiro) kuki batatabaye abari muri Camp Kigali, bakabareka bagapfa?

Ariko ububwa bw'Ababiligi burimo ubugome bw'indengakamere bwigaragarije muri ETO Kicukiro aho bari barinze impunzi baziha umutekano; hanyuma bakazisigira interahamwe n'abajepe ngo babice.

Izi mpunzi zinginze Ababiligi ngo nibura babatware babageze CND cyangwa muri MINUAR Ababiligi barabyanga; impunzi zigera naho ziryama mu muhanda Ababiligi barabata babona inzira barigendera.

Interahamwe ziraza zica izo mpunzi zose; aba bose bashyinguye mu rwibutso rwa Nyanza ya Kicukiro.

Yewe hari n'umuminisitiri wa Leta ya Habyarimana; witwaga Ngurinzira wabinginze ngo bamukize baranga kuko atari uwo mu ishyaka rya MRND rya Habyarimana.

Ahubwo ari uwo mu ishyaka rya MDR rya Twagiramungu. Ababiligi bongeye gutererana Habyarimana n'abambari be bajya gusaba muri UN ko bagomba kuva mu Rwanda kandi bikomeye; baraza bazinga utwabo batererana Leta y'Abatabazi bari bamaze gushyiraho.

Igihe gitaha tuzababwira ukuntu Ababiligi aribo ntandaro y'intambara yo muri Congo.





# Kuvuga ko u Rwanda nta mabuye rugira ni ukwigiza nkana-RMB

NYIRANEZA Judith

***Amabuye y'agaciro ni menshi kandi ari hose mu Rwanda, abavuga ko nta mabuye rufite ni ukwigiza nkana cyane ko bamwe mu babivuga ari na bo batangiye ubucukuzi mu Rwanda bakarondora, bagakora amakarita y'aho amabuye y'agaciro ahereye.***

Umuyobozi mu Kigo Gishinzwe Mine, Peteroli na Gaze (RMB), Nsengumuremyi Donat, yasobanuye ko amabuye acukurwa mu Rwanda haherewe ku makarita yakozwe na bamwe mu bashinja u Rwanda ko rutagira amabuye y'agaciro.

Ati: "Biba bitumvikana ko ari bo bavuga ko u Rwanda nta mabuye rufite kandi amakarita tugenderaho yerekana ibijyanye n'amabuye iya mbere yakozwe n'Ababiligi yasohotse mu 1918, hanyuma mu 1930 bagaragaje ibikorwa by'amabuye n'ubucukuzi buratangira."

Yongeyeho ati: "Ndetse hari n'amakuru bari baragiye babika iwabo mu Bubiligi ajyanye n'iby'ubushakshatsi n'ubucukuzi bw'amabuye. Kuri ubu tujyanisha n'ikoranabuhanga [...] ubu myaka ya vuba twakoze amakarita mashya."

Nsengumuremyi yakomeje asobanura ko mu myaka nka 2 cyangwa 3 bamaze bakorana n'Ikigo cy'u Bubiligi gishinzwe iterambere Enabel, bongerera ubushobozi abakora mu bucukuzi bafatanyije na REWU.



**U Rwanda rukungahaye ku mabuye y'agaciro kandi u Bubiligi bwigiza nkana ko ntayo rufite mu by'ukuri ari bwo bwakoze amakarita y'aho aherereye mu Rwanda**

Ati: "Ni gute wavuga ngo nta mabuye kandi uha ubumenyi abakora mu bucukuzi, bareba ibikorwa bihari bagasura, bakanezerwa warangiza ugasanga bivuguruza, bakoresha imvugo zitagize icyo zishingiyeho."

Yavuze ko mu Rwanda hari ibirombe by'amabuye y'agaciro kandi hafi mu gihugu hose habarurwa impushya 154 ziri mu bikorwa by'ubucukuzi n'iby'ubushakashatsi bigera muri 18.

Nsengumuremyi yavuze kandi ko amabuye yitwa ay'agaciro bitewe n'umumaro wayo.

Yagize ati: "Amabuye y'agaciro ni menshi, ari ahantu hatandukanye kandi yitwa ay'agaciro bitewe n'agaciro rifite mu buzima bwa muntu. Ahantu hose hari amabuye, aho wacukura wabona amabuye, ariko yose agenda atandukana, hamwe akitwa ay'agaciro ahandi ntiyitwe ay'agaciro, bitewe n'isoko riri kuyakenera."

Yongeyeho ko hari amabuye abantu batari bazi ko ari ay'agaciro, ariko uko iminsi igenda iza bigenda bisobanuka.

Ati: "Kubera ikoranabuhanga ryo kutangiza ikirere n'ikoreshwa ry'imodoka z'amashanyarazi, hari amabuye yatangiye kwitwa ay'agaciro kandi kera yari amabuye asanzwe. Mu minsi ya vuba, amabuye ya Lithium mu Turere tumwe nka za Ngororero wasangaga abantu barayubakishije inzu, ariko bamenye ko agaciro kazamutse bidasanzwe birangira bamwe bagiye gusenya inzu bati 'twubakishije imari ifite agaciro karenze', mureke tuyohereze ku isoko."

Imibare igaragaza ko u Rwanda rwarengeje intego yo rwari rwihaye mu bucukuzi.

Ati: "Mu mwaka ushize twari kuri miliyari 1, 700 z'amadolari ya Amerika, muri 2017 aho twari kuri miliyoni 373 z'amadolari ya Amerika, nyamara icyo gihe twari twihaye intego ko mu 2024 ushobora kuzarangira tugeze kuri miliyari 1,5 ariko kubera imbaraga zashyizwemo twarengeje intego."

Umuyobozi w'Ishyirahamwe ry'Abacukuzi y'Amabuye y'Agaciro, Kagenga Innocent, yavuze ko abavuga ko u Rwanda rudafite amabuye y'agaciro ari abataruzi.

Ati "Buriya Kigali yose, ikikijwe n'amabuye. Kuri Mont Kigali hari Sosiyete ya Gamico Mining ihacukura Gasegereti. Hirya no hino mu Ntara hari amabuye, hari amasosiyete manini nka Trinity ahandi hakorwa ubucukuzi ni i Rutongo, Wolfram icukurwa Nyakabingo n'ahandi."

Ku bijyanye n'uruhare rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu kuzamura ubukungu bw'Igihugu, yavuze ko abarenga 100 000 bakora mu bucukuzi, hari n'imisoro itangwa kanid usanga imisoro yayo ari umwihariko itegeko ryagiye riwugena rijyanishije n'ijanisha amabuye yishyura 5% kuri gasegereti, coluta na Wolfram.

Ibituma umusaruro wo mu bucukuzi uzamuka ni ukubera ingufu zishyirwa mu bushakashatsi butuma haboneka icyerekezo cyo kumenya ibicukurwa umuntu azi ibyerekezo, uzi ko hari amahirwe afatika ku buryo ucukura ugakomeza no mu yindi myaka.

Gukoresha ibikoresho bigezweho, imashini akazi kagakozwe mu kwezi imashini igakora nko mu cyumweru kimwe. Kuzana inganda nta mabuye yatakara imashini ziyayungurura neza ntugire ayo utakaza. Ubucukuzi bwa gakondo bwasimbujwe ubucukuzi bwa kinyamwuga.

Ikindi ni ubumenyi, mbere nta mashuri yari ahari yo kwigisha ubucukuzi ariko ubu Leta yashyizeho ishami ryayo. Muri IPRC Kigali harimo abize iby'ubucukuzi bajya gufasha ababusanzwemo mu gucukura no kubungabunga ibidukikije. Nibura buri kirombe kigomba kugira umuntu 1 wabyigiye.

# Amb. Mbabazi yatanze impapuro zimwemerera guhagararira u Rwanda muri Côte d'Ivoire

KAMALIZA Agnes

***Ambasaderi Rosemary Mbabazi yashyikirije Perezida wa Côte d›Ivoire, Alassane Ouattara, impapuro zimwerera guhagararia u Rwanda muri icyo gihugu.***

Ni umuhango wabaye ku wa Kane tariki ya 6 Werurwe 2025, aho yashyikirije Perezida Alassane izo mpapuro.

Amb.Rosemary Mbabazi akaba asanzwe ahagarariye u Rwanda mu bihugu bitandukanye birimo Ghana ari naho hari icyicaro, Liberia na Benin.

U Rwanda na Côte d›Ivoire bisanzwe bifitanye umubano ndetse abayobozi b'ibihugu byombi bagirana imigenderanire igamije gushimangira umubano hasinywa amasezerano y'ubufatanye.

Ibihugu byombi bisanzwe bifitanye imikoranire mu by'ishoramari, byanasinye amasezerano y'ubufatanye mu by'indege, aho kuva mu Ukwakira 2016, indege za Sosiyete Nyarwanda y'Ubwikorezi, RwandAir, zikora ingendo zerekeza i Abidjan.

Ubwo Perezida Paul Kagame w'u Rwanda na Madamu Jeannette Kagame bari mu ruzinduko muri icyo gihugu mu 2018, rwari rugamije gukomeza umubano ibihugu byombi bahawe amashimwe agenerwa abayobozi b'inkoramutima za Côte d'Ivoire.

Perezida Kagame yahawe ishimwe ryitwa 'Grand-Croix de l'Ordre National de Côte d'Ivoire', mu gihe Madamu Jeannette Kagame yahawe 'Grade de Commandeur de l'Ordre National de Côte d'Ivoire'.

Iryo shimwe rikomeye rizwi nka 'Ordre national de Côte d'Ivoire' ryatangiye gutangwa ku wa 10 Ukuboza 1960, rikaba rihabwa uwagaragaje umwihariko mu mibanire n'icyo gihugu na serivisi zigenewe abagituye.

# Hari abagore bajya kwiteza inda muri FDLR, kubera ingengabitekerezo ya Jenoside

**ZIGAMA Theoneste**

**Ihuriro ry'Inteko Ishinga Amategeko rikumira Jenoside no kurwanya ihakana n'ipfobya bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 (AGPF) ryagaragaje ko mu Rwanda hari abaturage bashyigikiye umutwe wa FDLR, hakabamo n'abagore bajya kwiteza inda ku bari muri uwo mutwe bavuga ko bashaka 'icyororo'.**

Ni ibikubiye mu icukumbura ryakozwe na AGPF ryagaragajwe ku itariki ya 5 Werurwe 2025, mu Nama nyunguranabitekerezo yahuje Abagize Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi, abayobozi mu nzego zitandukanye n'abo mu ihuriro ry'imitwe ya Politiki.

Ni inama yigaga ku miterere y'ingengabitekerezo ya Jenoside mu Karere, ingaruka zayo n'ingaruka zo kuyirwanya.

Senateri Prof Dusingizemungu Jean Pierre wari uhagarariye AGPF yavuze ko mu bagize iryo huriro bakoze bakoreye mu Turere 15 tw'Igihugu, mu mezi y'Ukuboza 2024 n'ukwa Gashyantare 2025.

Iryo huriro ryahuye n'abantu 3 500 biganjemo abo ku mipaka y'u Rwanda, barimo abayobozi b'Imirenge, abaturage n'urubyiruko muri rusange.

Mu Turere 15, muri two11 ni udukora ku mipaka y'u Rwanda, bingana na 73,3%.

Kuva muri Kanama kugeza mu kwezi k'Ukuboza 2024, hagaragaye ahantu 9 habaye ibikorwa byo kwica abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda.

Prof Dusingizemungu ahamya ko ubwo bwicanyi bwajyanaga n'ubwakorerwaga Abatutsi muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.




Abagore bajya kwiteresha inda muri FDLR

Mu bimenyetso 16 biganisha ku ngengabitekerezo ya Jenoside AGPF yabonye mu baturage yasuye, 12 byagaragaye ku baturage barengeje imyaka 30, bibiri bigaragara ku basore n'inkumi, bafite imyaka 20-25.

Ni mu gihe 3 byagaragaye ku bana b'imyaka iri hagati ya 12 na 13.

Yagize ati: "Hari abagore twabonye ngo bajya hakurya [muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo] kwiteza "agashinge" ni ukuvuga  kwiteza inda mu bantu bari mu mutwe wa FDLR, ngo barashaka icyororo".

Prof Dusingizemungu yakomeje avuga ko hari abantu baba hanze y'Igihugu usanga bashuka urubyiruko bakarushora mu macakubiri by'umwihariko abakomoka muri utwo Turere cyangwa abakomoka hafi yatwo.

Ati: "Hari abaturage batuye mu Rwanda bigaragara ko bakivugana n'abari mu FDLR cyangwa abarwanya ubuyobozi bw'u Rwanda, by'umwihariko urubyiruko rushukishwa ko ruzashakirwa akazi n'ibindi."

Senateri Prof Dusingizemungu yumvikanishije ko hari abatuye mu Murenge wa Bwisige mu Karere ka Gicumbi, bayobywa n'ibiganiro bya Gen BEM Habyarimana Emmanuel anyuza ku mbuga nkoranyambaga.

Yavuze ko mu Karere ka Nyamasheke naho hari abaturage bumva ibiganiro bya Padri Nahimana Thomas bigamije guharabika Leta y'u Rwanda, na Rudakemwa Frotinatus bakomoka mu Karere ka Rusizi gahana imbibi n'aka Nyamasheke.

Ni mu gihe mu Karere ka Ngororero na ho abarimo Pacifique Ntawunguka, Mudacumura bari mu buyobozi bwa FDLR, byagaragaye ko bageza ku baturage ibitekerezo by'ingengabitekerezo ya Jenoside muri ako Karere bakomokamo.

Abaturage bahabwa Sim Card zikoreshwa mu mahanga ngo bapfobye Jenoside

Prof Dusingizemungu yagaragaje ko mu ngendo abagize AGPF bakoze,  basanze hari abaturage by'umwihariko batuye mu Turere twegereye imipaka, turimo utwa Gisagara, Rubavu na Nyamasheke bashukwa n'abaturage b'ibihugu by'abaturanyi by'u Rwanda baza bakabigisha imvugo z'urwango.

Yagize ati: "Urubyiruko ruhabwa Sim Cards z'ibihugu bindi, kugira ngo ubutumwa batanga kuri WhatsApp no ku zindi mbuga nkoranyambaga, kugira ngo babe bikingiye ngo ubutabera butazabageraho."

Yongeyeho ati: "Ugasanga bakoresha +257… ariko ubutamwa batanga bakabutangira mu Rwanda kugira ngo bayobye uburari."

Umunyabanga Mukuru Wungirije w'urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha (RIB), Kamarampaka Consolee, yavuze ko abenshi mu bagifite ingengabitekerezo batakabivuga imbona nkubone ahubwo usanga babivuga ku mbuga nkoranyambaga.

Abana bato bagaragaraho ingengabitekerezo ya Jenoside.

Mu iri cukumbura ryakozwe na AGPF ryagaragaje ko mu Karere ka Nyaruguru hari umwana w'imyaka 12, ufite ingengabitekerezo ya Jenoside ndetse wokamwe n'urwango.

Yagize ati: "Hari umwana w'imyaka 12, wigize umuhanga mu gupima abantu, cyane cyane abana bigana kugira ngo amenye niba ari Abahutu cyangwa ari Abatutsi."

Yasobanuye ko uwo mwana yigeze kureba mugenzi we maze ubundi akamubwira ko ari Umututsi bityo ko Jenoside nigaruka azamutema.

Ngo icyo gihe umwarimu we, yarabimenye abajije uwo mwana, na we amusaba kuzana ikiganza amurebye amubwira ko ari mwene wabo ko ntacyo bazamutwara, ashaka kugaragaza ko ari Umuhutu.

Prof Dusingizemungu kandi yagaragaje ko hari undi muntu wo mu Karere ka Rubavu w'imyaka 26, wariye inzoka agaragaza ko ariko bazarya Abatutsi.

Mu bindi byagaragariye AGPF ko ari ingengabitekerezo ya Jenoside yakorewe Abatutsi, ikigaraga mu Karere ka Nyamagabe mu Murenge wa Mbazi, hasanzwe umusaza w'imyaka 90, wubatse inzu hejuru y'ahari imibiri y'abazize Jenoside.

Hagaragajwe ko hari n'abaturage batanga amakur ku ngengabitekerezo ya Jenoside ariko abayobozi bamwe ntibabihe agaciro. Hari kandi n'abaturage usanga baba bashaka kunga abafitanye ibibazo bishingiye ku ngengabitekerezo ya Jenoside aho gutanga amakuru.

Umuyoboke w'Ishyaka rya PSD, Prof Ngabitsinze Jean Chrisostome yagaragaje ko kugira ngo ingengabitekerezo ya Jenoside yarwanywa haherewe mu mashuri no mu bakiri bato kugira ababashuka batabona aho bahera.







## Nyamasheke: Yafatanywe umwana w'imyaka 17 yari amaranye ibyumweru 2

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

**Byukusenge Aaron afungiye kuri sitasiyo ya RIB ya Macuba nyuma yo gufatanwa umwangavu w'imyaka 17 witwa Muhawenimana Fortunée wo mu Murenge wa Rangiro yari amaranye ibyumweru 2 babana mu nzu, yaramugize umugore we.**

Uwo Byukusenge ufite imyaka 28 ni uwo mu Mudugudu wa Munini, Akagari ka Kabuga, Umurenge wa Karambi, Akarere ka Nyamasheke.

Umuturanyi wabo Uwingabire Félix yatangarije Imvaho Nshya ko ubusanzwe uwo musore abana na bashiki be 2 mu nzu ababyeyi babo bitabye Imana babasigiye.

Umwe muri bashiki be akaba yari yashatse umugabo akaza gufatirwa mu bujura babyaranye rimwe agafungwa, umugore akagaruka muri iyo nzu yabo, n'undi muvandimwe wabo wari usigaye akahabyarira.

Iyo nzu abanamo n'aba bashiki be 2 ni yo yazaniyemo uwo mwana w'umukobwa yari yashutse ko aje kumugira umugore, bashiki be bakaba batarigeze batanga amakuru.

Yagize ati: "Maze guhabwa amakuru n'abaturage nagiyeyo mbasangayo bombi, mbabaza niba koko babana nk'umugore n'umugabo, barabinyemerera, umwana mwaka irangamuntu nsanga koko afite imyaka 17."

Uwo musore yakorewe raporo yoherezwa ku Kagari, hagati aho yirukana wa mukobwa, hashize iminsi 4 aragaruka, bihurirana n'uko Byukusenge yagiranye amakimbirane na bashiki be ashingiye ku ikawa bagurishije ntibamuhaho, bararwana bityo mu gukemura icyo kibazo bihurirana nuko wa mwana yari yagarutseyo, Byukusenge afatwa atyo, umwangavu yoherezwa kuri Isange One Stop Center mu bitaro bya Kibogora."

Undi muturanyi w'uwo musore yabwiye Imvaho Nshya ati: "Ibi ni byo bikurura amakimbirane ugasanga n'ubundi baraturushya tujya mu bibazo byabo. Azaniye umwana mu nzu abanamo na bashiki be ngo ni umugore we. Amumaranye iminsi aramwirukanye, Bicike rwose."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Karambi, Hagabimfura Pascal avuga ko bakomeje ingamba zo guhangana n'ibyo byaha byo gusambanya abana, zirimo n'ubukangurambaga kugira ngo n'abasore babyishoramo, bumva ko ari abagore bashatse, bamenye ingaruka zabyo.

Ati: "Gusambanya abana bihanirwa n'amategeko, no kugira umwana umugore atarageza ku myaka y'ubukure ni icyaha gihanirwa n'amategeko, byitwa kumusambanya. Turabirwanya, tukanabereka ingaruka zabyo, ariko nyine kwigisha ni uguhozaho."

# Rutsiro: Bakora urugendo rw'isaha bashaka amazi meza



**Bakora urugendo rurerure bagiye gushaka aho babona amazi meza**

**KWIZERA Jean de Dieu**

***Abatuye mu Mudugudu wa Rushikiri, Akagari ka Mageragere, Umurenge wa Mushubati mu Karere ka Rutsiro, bavuga ko barembejwe n'urugendo rw'isaha bajya gushaka amazi meza, bagasaba kweherezwa umugezi rusange hafi yabo.***

Aba baturage bavuga ko bajya kuvoma ahitwa ku Ntindo ya Kazibaziba ujya ku Bitaro bya Mushubati, akaba ari mu Mudugudu wa Rarankuba ari na ho bibasaba isaha yose bajya kuvoma kuko hafi yabo igihari ari imigezi itemba gusa.

Umwe mu bavuganye na Imvaho Nshya, yagize ati: "Utuma umwana ubwo akaba asibye ishuri, hari n'ubwo umutuma agatinda akaba yahura n'abamurusha imbaraga, ubwo ugategereza itaha rye ugaheba kubera uburyo ari kure."

Yakomeje agira ati: "Urugendo rujyayo ni isaha nzima ku muntu ufite imbaraga nkanjye si najyayo kuko ni kure kandi ndananiwe. Ubwo rero iyo bigenze gutyo, abaha twese tuyoboka inzira y'amazi y'epfo, tukayateka ariko burya umwanda uba unagaragara. Ubuyobozi budufashije bukaduha amazi meza, baba bakoze kuko ikibazo cyacu kirazwi rwose."

Undi yagize ati: "Ikibazo dufite hano, ni amazi adahari. Muri Rushikiri ntabwo wabona aho uvoma kuko n'ahatwegereye amakano yaho na yo yarakamye, turasaba ko ubuyobozi bwacu bwiza bwaduha umugezi rusang,e kuko kutagira amazi bitugiraho ingaruka z'uburwayi bwa hato na hato."

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Rutsiro ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Uwizeyimana Emmanuel, yagaragaje ko hari icyo Akarere karimo gukora kugira ngo abaturage bose babone amazi binyuze mu kuyasaranganya kugira ngo agere n'aho atari.

Yagaragaje ko kandi hari imishinga bategerejeho amazi nka Kivu Belt, irimo kubakwa mu Karere ka Karongi, bityo ko mu gihe waba wuzuye abaturage bamwe bashobora kuzahita bayabona mu ba mbere.

Yagize ati: "Akarere ka Rutsiro twashyizeho uburyo bw'isaranganywa kugira ngo amazi abashe kugera kubaturage bose ndetse twizeza ko n'abo batari bayabona hari imishinga itandukanye izabaha amazi vuba irimo n'uri kubakwa mu Karere ka Karongi twiteze ko hari abaturage bacu bazabonaho amazi."

Mu Kwezi kwa Nzeri 2024, ubwo Imvaho Nshya yaganiraga n'Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro Ushinzwe Imibereho Myiza y'abaturage Umuganwa Marie Chantal, yatangaje ko aka Karere kageze ku gipimo cya 50% ku baturage bafite amazi meza.

Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka 5 yo Kwihutisha Iterambere (NST2) iteganya ko bitarenze mu mwaka wa 2029, ingo zose zo mu Rwanda zizaba zegerejwe amazi meza ku kigero cya 100%, nibura muri metero 200 mu mijyi na metero 500 mu byaro.

# Burera: Banenga bagenzi babo bababakwena ngo bagiye kwiga umwuga bakuze



Abiga umwuga bakuze bavuga ko badaterwa ipfunwe no kwiga bakuze

NGABOYABAHIZI PROTAIS

***Bamwe mu bagabo biga imyuga ku ishuri rya Cyanika TSS, bavuga ko banenga bagenzi babo bavuga ko bagiye kwiga bakuze, nyuma yo gusiga imitungo yabo ni ngo zabo,bavuga ko bakwiye guhindura imyumvire , ariko kandi ngo ntabwo bibaca integer, gusa ngo bagamije kwiga kwiga umwuga uzabateza imbere.***

Aba bagabo biga ububaji, bavuga ko nyuma y'ibibazo bahuraga na byo byo kutagira imirimo ifatika ndetse ntibababashe no kuba bakwirihirira aho bakwigira umwuga, bavuga ko nyuma yo kubona inkunga batewe n'Ubuyobozi bw'Akarere ka Burera, bahisemo guta ingo zabo baza kwiga kuri Cyanika TSS, ariko ngo hari bamwe muri bagenzi babo babaha akato, gusa ngo bose bazi icyo bakurikiye ahubwo bagasaba buri wese kugira umwuga umutunga.

NTirikwendera Faustin wo mu murenge wa Gitovu yagize ati: "Ubu twebwe twigira hano imyuga, nyuma y'uko tutabashije kwiga andi mashuri nataye ishuri ngeze mu mwaka wa 5 w'amashuri abanza, nyuma yahoo naje gushaka umugore, ngira ubuzima bubi aho nabyukaga njya guca inshuro, kubina isabume byari bigoranye, ubu maze amezi 3 niga umwuga w'ububaji ariko mbababazwa n'abagabo bagenzi banjye birirwa banca integer ngo nataye urugo nza kwiga, birirwa bampa inkwenene, ariko nzi ko nyuma yo kurangiza na bo bazankenera, umwuga ni wo wa mbere kandi kwiga ntibishira".

Akomeza avuga ko ngo iyo ageze mu kabari, bagenzi be bamucunaguza bamuca intege

Yagize ati: "Nkiyo ngiye mu kabari ntaewansomya ngo natereranye abana n'umugore ngiye kuzisenyera , nyamara bakirengagiza ko umugore ariwe umpa itike inzana kwiga, maze kubona ko umwuga ari mwiza kuko nyuma y'amasomo make maze guhabwa hano maze kugura ikimasa ku mafaranga ibihumbi 80 nakuye mu iraka cyo guteranya inzugi n'amadirishya, amezi 6 ngomba kwiga azashira nungutse byinshi".



Itangishatse Alphered (ubanza imbere) avuga ko azakura ubumenyi muri TSS Cyanika

Itangishatse Alpred yagize ati: "Njye nacikishgije amashuri kubera ybukene bwo mu muryango , ntangira kujya nikorera ibigage by'abaturanyi ku mutwe, hajya guca inshuro, nyuma y'aho maze guhabwa amahirwe n'akarere, niyemeje kuza kwiga ku myakac 35, benshi kuri ubu hari bamwe mu bagabo bagenzi banjye banseka ngo ndimo guta igihe, ariko nko mu biruhuko iyo ngiye muri ateriye y'undi bantiza ivikoresho ngakora akabati simburamo ibihumbi 100, urumva rero nimara kurangiza nzashinga inzu nzajya nkoreramo ububaji kandi nzabona amafaranga menshi nihangire umurimo nkhuhe n'abandi".

Umuyobozi w'ikigo cy'amahuri cya Cyanika TSS giherereye mu murenge wa Cyanika Jean Bosco Bizimana nawe ashimangira koko ko hari bamwe baje gutangira kwiga umwuga ubona bafite ipfunwe kubera ko ngo bacibwaga integer na bagenzi babo, ariko kuri ubu bagenda bamenya ibyiza byo kwiga umwuga

Yagize ati: "Ni byo koko dufite abagabo bafite ingo bafashijwe n'akarere kugira ngo bikure mu bukene kuko na bo ubwabo bafite imiryango ikennye, baziga mu gihe cy'amezi 6, koko mu itangira wabonaga na bo batabyisangamo ariko kugeza ubu ubona biteze kuzabibyaza umusaruro kuba hari ababaca intege cyane nka bagenzi babo bari basanganywe basangira icupa, ndabasaba gukomeza gukunda umwuga no kwima amatwi, ababaca intege".

Kugeza ubu kuri TSS Cyanika hari abacikishije amashuri biga umwuga bagera kuri 12 bazhabwa amasomo mu gihe cy'amezi6

Cyanika TTS, yafunguye imiryango ifite abanyeshuri 246 abahiga biga amashanyarazi n'ububaji, abakobwa 110, abahungu 136 bose bakazarangiza bahabwa impamyabumenyi y'amashuri 6 yisumbuye.





# Karongi: Arasabira umwana we ubufasha bwo kwiga imyuga

KWIZERA Jean de Dieu

***Uwamahoro Angelique arasabira umwana we Nyirantakiyimana Ishimwe w'imyaka 18 y'amavuko ubufasha nyuma y'aho aburiye ubushobozi bwo ku mwishyurira amashuri asanzwe. Uyu mubyeyi usabira umwana we gufashwa kwiga imyuga atuye mu Murenge wa Rubengera, Akagari ka Ruragwe, Umudugudu wa Nyagahinga.***



**Uwamahoro Angeligue ufite uburwayi amaranye imyaka 9, yifuza ko umukobwa we yafashwa kwiga imyuga**

Uwamahoro Angelique wahajwe n'uburwayi avuga ko atewe impungenge n'umwana we w'umukobwa, ari nabyo bituma amusabira abagira neza kuba bamufasha akiga imyuga.

Uyu mubyeyi avuga ko umwana we wagarukiye mu mwaka wa Kabiri w'amashuri yisumbuye, nawe yafashwa akajya kwiga imyuga.

Ati: "Umwana wanjye ari mu kigero cy'imyaka 18, ntabwo yabashije kwiga , yirirwa aho gutyo gusa rimwe na rimwe akabona akazi ko gukura ku muhanda rero nkabona nta ejo heza yabona atarize kandi nta kandi kazi afite nanjye ntashoboye".

Yakomeje agira ati: "Aramutse afashijwe akiga imyuga nanjye byamfasha ndetse n'ejo he hakazaba heza kuko gukubura mu muhanda hamwe n'isoko rya Rubengera nabyo akora rimwe na rimwe ntacyo byazamugezaho. Gukomeza ku mwicarana hano, nta bushobozi mfite ngo murihire inyuma ni ingorane zikomeye kuhazaza he".

Aba bombi batunzwe n'abagira neza nk'uko byemezwa n'abaturanyi babo , kuko ngo Uwamahoro Angelique adafite ubushobozi n'imbaraga zo kuba yakwiyitaho ngo yite no kuri uwo mwana.

Umuturage we utifuje ko amazina atangazwa yagize ati: "Njye nturanye nabo hano, akenshi no kurya hari ubwo ari njye ubafasha kuko uyu mwana ntabwo abona akazi kenshi ko gukora ku buryo yatunga nyina na we akitunga".

Akomeza avuga ko ari we wamurangiye akazi ko gukubura ku muhanda imbere y'isoko ariko ngo akabona ntaho byazamugeza.

Ati: "Nakuburaga ku muhanda mpafite ikiraka, ubwo kubera uburyo nabonaga ubuzima babayemo hano, ndiyemeza nshaka ibindi nshamo inshuro nkarangira uyu mwana n'ubu niyo yagiye. Abona udufaranga duke tutabasha kubatunga. Hagize nk'umufasha akabona uburyo yiga umwuga byaba byiza cyane".

Undi yagize ati: "Ni ikibazo gikomeye cyane kubona umwana nk'uyu adafite aho akura ndetse akaba atiga n'imyuga nkatwe abaturanyi icyo dukora ni ukumuha uturimo dutuma atunga nyina afatanyije no gukura ku muhanda. Ku bw'ejo hazaza he yafashwa kwiga imyuga byibura byaruta".

Nyirantakiyimana Ishimwe na we avuga ko akurikije ubuzima abanyemo n'umubyeyi we, budashobora gutuma abona uko atera imbere ngo afashe na nyina bityo agasaba ko afashijwe kubona imyuga akiga kudoda yakwiteza imbere.

Ati: "Nifuza gufashwa kwiga umwuga w'ubudozi kugira ngo nindamuka mfatishije nkabona ibiraka najya mbasha gufasha mama, kuko kugeza ubu utwo mbonye turaduhahisha nkasigarira aho. Sinabasha kwirihira uwo mwuga kubera ubwo buzima."

Nkusi Medard Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rubengera yavuze ko binyuze mu bafatanyikorwa bazamufasha nyuma kandi y'igenzurwa ry'uko abikwiye koko.

Yagize ati: "Kubyerekeye uyu mwana ushaka kuba yahabwa imyuga kugira ngo azagire icyo yimarira ejo hazaza, tujya tugira abafatanyabikorwa bafasha abana nkaba, turabanza dukurikirane turebe icyiciro abarizwamo kuko dusange ari abikwiriye byahita bikorwa kuko dufite imiryango isanzwe ifasha abatishoboye muri ubwo buryo".

Uyu mubyeyi usabira umwana we guhabwa imyuga, yitwa Uwamahoro Angelique akaba atuye mu Murenge Rubengera, Akagari ka Ruragwe, Umudugudu wa Nyagahinga, akaba amaze imyaka irenga 9 arwariye mu rugo.

# Rusizi: Yafatanywe ibinyomoro yibye mu murima avuye kubishakira umuguzi

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Kanusi Jean Pierre w'imyaka 65 wivugira ko kureka ingeso y'ubujura byamunaniye, yafatanywe ibinyomoro yari yibye mu gicuku mu murima w'umuturage witwa Habyarimana Jean Claude, mu Mudugudu wa Mugerero, Akagari ka Kabuye, Umurenge wa Nyakarenzo, Akarere ka Rusizi yabigejeje mu nzu iwe, anavuye kubishakira umuguzi.***

Habyarimana Jean Claude nyir'umurima byibwemo, avuga ko yahoraga asanga yibwe, ibindi byangijwe, hakabura ufatwa, yashyizeho abamucungira rwihiswa. Ubwo uyu musaza yitwikiraga igicuku akajyamo, abo barinzi n'irondo bamubonyemo, baramucunga kuko banashakaga kumenya abo bakorana, aca ibinyomoro, abijyana iwe mu rugo bamuriho, ajya gushaka umuguzi, ntibazana ngo bafatanwe kuko umuguzi ngo yabaye nkugira amakenga, arabimutuma ngo abimuzanire.

Habyarimana ati: "Yabaye akigaruka, akibishyira mu gatete yari afite tuba twamugezeho, mpamagara Umukuru w'Umudugudu, araza turamufata tumushyikiriza ubuyobozi ajyanwa kuri sitasiyo ya RIB ya Nyakarenzo. Icyadutangaje ni uko agifatwa yavuze ko yemera ko yari yaratujujubije, imyaka yaburaga n'iyononwaga mu mirima yo hafi aho yemera ko ari we wabikoraga,avuga ko ubwo afashwe atazongera."

Anavuga ko uyu musaza yamwangirije cyane kubera uburyo hari mu gicuku.

Ati: "Yasoromaga akanda, icyo yumvise gikandika akaba ari cyo abika avuga ko gihiye, ikidakandika akagita mu murima, ku buryo ibyo yajungunye n'ibyo yatwaye byajyaga kungana. Yampombeje ibitari munsi y'agaciro k'amafaranga 20 000, ambwira ko ibyo naburaga byose ari we wabaga yabyibye,ubu ari kubibazwa."

Umukuru w'Umudugudu wa Mugerero Nsengiyumva Télésphore, avuga ko mu rugo rw'uwo musaza hahora amakimbirane ndetse asanzwe anafatirwa mu bujura.

Ati: "Hari n'igihe twigeze kumufatana igitoki akigikura mu murima w'umuturage, arabihanirwa, akomeza kugenda yiba afatwa agaruka, bityo bityo ariko noneho aho bigeze twumva yahanwa bifatika abaturage bakagira umutekano w'ibyabo, kuko n'uburyo yibamo anagerekaho kwangiza ibyo adatwaye, ugasanga ibyo atatwaye n'ubundi yabihombeje."

Umukozi ushinzwe imari n'ubutegetsi mu Murenge wa Nyakarenzo, Musabyemariya Marie Claire,avuga ko bibabaje kubona umusaza nk'uriya, wagombye kuba intangarugero n'umugishwanama mu Murenge ari we urara abuza abaturanyi amahoro yiba, akanayabuza umuryango we awuhoza ku nkeke.

Ati: "Amakuru y'ubujura bwe twayamenye, yafashwe afungiye kuri sitasiyo ya RIB ya Nyakarenzo. Urugo rwe runasanzwe ku rutonde rw'ingo zibanye nabi, wakurikirana ugasanga iyi mibanire mibi n'umugore we iri mu bimuheza mu bukene akajya mu ngeso zo kwiba, ntacyo amarira urugo rwe."

Avuga ko ingeso nk'izi ubuyobozi n'abaturage bazamagana, haba mu nteko z'abaturage, umugoroba w'ababyeyi n'ikindi gihe cyose bahuye na bo, akanongera kubasaba kwirinda amakimbirane yo mu miryango n'ingeso nk'izi z'ubujura,kuko byombi bidashobora kugira aho bigeza ubirimo, ko batakwihanganira ko umusaza nk'uriya azajya ategereza ko abandi bakora ngo yibe, ko ubuyobozi butabyihanganira.

# Burera: Babanje kurwanya indinganire umusaruro wikubye 2 bayivuga imyato

NGABOYABAHIZI Protais

***Abaturage bo mu Karere ka Burera bavuga ko kuva batangira guhinga ku materasi y'indinganire umusaruro wikubye inshuro nyinshi, mu gihe mu ntangiriro batumvaga impamvu yo gukoresha amaterasi y'indinganire.***

Abo baturage bavuga ko ngo n'ubwo umushinga wo kubakorera amaterasi y'indinganire mu mirima yabo waje bawurwanya, ngo basanga hari itandukaniro riri hagati yo guhinga ku misozi ihanamye no guhinga ku materasi y'indinganire nk'uko Mukahirwa Eugenie wo mu Murenge Rusarabuye, Akagari ka Kabona yabibwiye Imvaho Nshya.

Yagize ati: "Twatangiye tubona imisozi bayesura twumva ko baje kudutubiriza ubutaka no kuduhombya, ariko bamaze kudUkorera amaterasi y'indinganire natwe twabonyemo akazi, baduha imbuto n'ifumbire ku buntu duhingamo twahise tubona itandukaniro."

Akomeza agira ati: "Ifumbire yo mu ndinganire ntabwo ivamo, amazi ntaho ajya ahoramo imyaka ihora itoshye; nakubwira ko aho nakuraga umufuka w'ibirayi umwe nsigaye nkuraho 5, ibi biterwa nuko nta butaka bugenda cyangwa se ngo ifumbire itwarwe n'isuri".

Sinzayiheba Jean Baptiste we avuga ko kuba yarabonye amaterasi y'indinganire byamwogereye umusaruro n'umukamo.

Yagize ati: "Njyewe bankoreye amaterasi y'indinganire kuri



Indinganire zifata ifumbire ntitembe

½ cya hegitari, habagamo ibiti kimwe kiri iriya ikindi iriya, iyo mpinzemo ibirayi simbura gukuramo toni 12, ubwatsi ku mikingo y'ayo materasi buhora butoshye sinkiririrwa njya kwanduranya mu bisambu by'abandi."

Yavuze ko ari mu bantu batiyumvishaga uburyo amasambu yabo bagiye kuyuzuzamo imikingo, ariko kuri ubu na we nkora uko nshoboye agakoresha indinganire mu mirima ye kuko namenye akamaro ko gufata ubutaka.

Umuyobozi w'ishami ry'ubuhinzi n'umutungo kamere mu karere ka Burera Jean de Dieu Nizeyimbabazi nawe ashimangira ko amaterasi y'indinganire ari imwe mu nzira yo gufata neza ubutaka no kongera umusaruro mu buhinzi n'ubworozi

Yagize ati: "Indinganire zongera umusaruro cyane kuko ntabwo ubutaka butwarwa n'isuri, atega ifumbire yose ntabwo igenda, ikindi ni uko buhingwa ntibushobora kugenda, cyane ko Akarere ka Burera kagizwe n'imisozi miremire ku butumburuke buri hagati ya metero 1600 na 2500, rwose ahari amaterasi y'indinganire byagaragaye ko umusaruro wikuba 2."

Akomeza asaba abaturage gukomeza kubungabunga ayo materasi y'indanganire bakorewe kugira ngo bakomeze kongera umusaruro no gufata neza ubutaka bwabo.

Kugeza ubu mu Karere ka Burera mu gihe cy'imyaka 5 hamaze gukorwa amaterasi y'indinganire kuri hegitari 6 577, mu gihe amaterasi yikora yo ari kuri hegitari 17 159.

# Nyagatare: Mukama abagore batinyutse ubuvumvu bubinjiriza 4800000Frw

HITIMANA Servand

Ababyeyi bo mu Murenge wa Mukama mu Karere ka Nyagatare batinyutse gukora umwuga w'ubuvumvu, bavuga ko bitinyutse borora inzuki (ubuvumvu), ku buryo buri gihembwe binjiza amafaranya y'u Rwanda 4 800 000 mu gihe kera wari umurimo waharirwaga abagabo.

Abo bagore bibumbiye muri koperative COABMU bavuga ko batangiye korora inzuki nyuma yo kwitegereza bagasanga ari ubworozi budasaba ibishoro byinshi ndetse n'imirimo myinshi.

Mukamunana Saidati, Umuyobozi w'iyo koperative agira ati: "Ni ubworozi budasaba kubuhoramo, aho wabukora kandi tugakora n'indi mirimo itandukanye. Iyo wagitse imitiba (imizinga) ikajyamo inzuki cyangwa ukazishyiramo, ntibigusaba kuzahirira, ntuzuhira, ntuzigaburira ahubwo zo zitangira kwikorera akazi. Nyuma y'igihe gito ni ugutangira gusarura ukagurisha ukabona amafaranga."



abagore batinyutse ubuvumvu

Yongeyeho ati: "Dufite imitiba 20 ya kijyambere aho buri mutiba dukuramo ibilo 10 mu gihembwe. Ikilo tukigurisha ibihumbi 7, buri mutiba tuwukuramo ibihumbi 70 tukagira imitiba ya gakondo 40 buri umwe utanga ibilo bitanu. Muri make mu mezi atatu ubuvumvu butwinjiriza amafaranga y'u Rwanda agera kuri 4 800 000. Ni amafaranga yadufashije koroza amatungo abanyamuryango bacu. Twanavuguruye inzu zacu ibintu twashimiwe n'abagabo bacu babonye ko turi ab'agaciro."

Uyu Munsi Mpuzamahanga w'Abagore ariko twanagaragaje ko ntawukwiye kumva ko ubworozi bw'inzuki (ubuvumvu) bwashoborwa n'abagabo gusa.

Abo bagore bavuga ko kwinjira mu buvumvu bamaze kungukiramo byinshi mu bworozi bw'inzuki, birimo kuba bafatanya n'abagabo babo mu guteza imbere imiryango yabo.

Mukamurigo Gertulde agira ati: "Duhakura ubuki rimwe mu mezi atatu. Kwishyira hamwe tugakora ubuvumvu byatumye tugera ku mafaranga aho ubu dukemura ibibazo byo mu miryango birimo kwiyishyurira ubwisungane mu kwivuza, Ejo Heza, kwishyurira abana amashuri n'ibindi. Kuri ubu uyu mwuga wadufashije gukora indi mishinga irimo ubworozi bw'inkoko no gukora ubuhinzi bugezweho."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Gasana Stephen ashima abagore bafashe iya mbere bagahagurukira gukora.

Ati: "Abagore batinyutse bagahanga imirimo ibateza imbere ni ishema ku Karere. Dushima umusanzu ukomeye batanga mu iterambere ry'imiryango yabo, iry'Akarere n'Igihugu muri rusange. Mukomeze mwatanye mushyigikire agaciro Igihugu kibaha kandi ubuyobozi natwe tuzakomeza kuba hafi abagore biyemeza bakajya mu mishinga y'iterambere."

Koperative y'abagore b'abavumvu bo mu Karere ka Nyagatare igizwe n'abanyamuryango 15. Kuri ubu bafite isoko rihoraho ry'umusaruro wabo kandi ubuki bwabo bukaba bukunzwe kubera ko ari umwimerere.





## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA

KIGALI CITY
NYARUGENGE DISTRICT
MUHIMA HEALTH CENTER
P.B:6684 KIGALI
Email: muhimasante@yahoo.fr
TEL: +250788886577

**ITANGAZO RYO GUPI GANIRA AMASOKO**

Ikigo Nderabuzima cya Muhima giherereye mu Murenge wa Muhima, Akarere ka Nyarugenge Umujyi wa Kigali; kirahamagarira ba Rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi gupiganira amasoko y'Ikigo Nderabuzima akurikira:

1.Isoko ryo kugura no kugemura ibikoresho byo mu Bureau
2.Isoko ryo kugura no kugemura Amata amazi na Juice
3. Isoko ryo Gucunga Umutekano w'ikigo Nderabuzima
4.Isoko ryo kubaka no gusana inyubako

Ikigo Nderabuzima kiramenyesha ababyifuza ko gusura ahateganijwe kubakwa no gusana inyubako biteganijwe ku I tariki ya 10/03/2025 kuva saa yine kugeza saa sita (10h00-12h00) z'amanywa
Ikigo Nderabuzima kikaba kimenyesha kandi ababyifuza ko ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa biboneka mu bunyamabanga bw'Ikigo Nderabuzima guhera ku itariki ya 04/03/2025 habanje gutangwa urupapuro rwishyuriweho amafaranga adasubizwa ibihumbi Icumi (10000 Frw) kuri konti No 20011121001 yitwa COMITE DE GESTION CENTRE DE SANTE ibarizwa muri I&M Bank.
Amabahasha afunze arimo inyandiko imwe y'umwimerere na kopi eshatu bizatangwa mu bunyamabanga bw'Ikigo Nderabuzima ku itariki ya 25/03/ 2025 saa tatu zuzuye (09h00) Gufungura amabahasha ni kuri iyo tariki saa ine zuzuye (10h00) ku Kigo Nderabuzima cya Muhima.

**ITANGAZO RIHAMAGARIRA BA RWIYEMEZAMIRIMO KWIYANDIKISHA KU RUTONDE RW'ABAZAJYA BAPIGANIRA AMASOKO MU KIGO NDERABUZIMA CYA MUHIMA HAKORESHEJWE UBURYO BWA REQUEST FOR QUOTATION**

Ubuyobozi bw'ikigo Nderabuzima cya Muhima burifuza kuzajya butanga amasoko hakoreshejwe uburyo bwo kwaka ibiciro nyuma yo kugirana amasezerano y'imikoranire.

1. Isoko ryo gukora moto z'ikigoNderabuzima(Maitenance Moto)
2. Isoko ryo kudoda imyenda y'abakozi n'indi yo kwa muganga

Ababyifuza barasabwa ibi bikurikira:

A. ibaruwa isaba isoko (amasoko) yandikiwe umuyobozi w'ikigo Nderabuzima
B. Icyemezo cy'ubucuruzi (Registre de Commerce)
C. Icyemezo ko utabereyemo umwenda RSSB (Attestation de non créance délivrée par RSSB)
D. Icyemezo ko utabereyemo umwenda RRA (Attestation de non créance délivrée par RRA)

Amabahasha afuze neza arimo iy'umwimerere imwe (1) na kopi 2 agomba kugera mu bunyamabanga bw'Ikigo Nderabuzima cya Muhima bitarenze tariki ya 11/03/2025 saa tatatu zuzuye (9h00 AM). Gufungura amabahasha nikuri iyo tariki saa ine zuzuye (10h00 AM) mu ruhame mu cyumba cy'Inama.

Urutonde rw'abazemezwa nyuma yogusuzuma ibyangombwa ruzamanikwa ku kigo Nderabuzima banabimenyeshwe mu nyandiko

Bikorewe i Kigali, kuwa 04 Werurwe 2025

**NIYONGERE Janvier**
Umuyobozi w'Ikigo Nderabuzima Muhima

KIGALI CITY - MUHIMA HEALTH CENTER

## ITANGAZO RY'ISOKO

MAGERWA — MAGERWA LTD

**TENDER NOTICE N°: 01/ MGR /OPS/2025**

**TENDER TITLE: SALE AND SCRAP OF OLD EQUIPMENT**

MAGERWA LTD invites eligible bidders to submit their bids for the purchase of Equipment. This tender is in two lots.

- **Lot 1**
  SALE OF EQUIPMETS

| No | Equipment identification | Brand | Type | Capa-city (tons) | Year of manufacture | Bid offer (RWF) |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | RS 2 | Terex PPM | TFC 45 | 45 | 2002 | |
| 2 | MC 8 | Grove crane | Telescopic crane [Rough terrain] | 60 | 2008 | |
| 3 | TH 1 | JCB | Telescopic Fork Lift (FL) | 3.5 | 2000 | |
| 4 | TH 2 | JCB | Telescopic FL | 3.5 | 2005 | |
| 5 | MC 5 | Bandani | Telescopic crane [All Terrain] | 12 | 1985 | |

- **Lot 2**
  SCRAP OF EQUIPMENT

| No | Equipment identification | Brand | Type | Capacity | Year of Manufacture | To note | Bid offer (RWF per KG) |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | RS 2 | Terex PPM | TFC 45 | 45 ton | 2002 | Sale excludes Engine, Gearbox and 2 boom cylinders | |
| 2 | TH 1 | JCB | Telescopic FL | 3 ton | 2000 | Excluding the engine and gearbox | |
| 3 | Forklifts | Yale | - | - | - | 5 nos Structural body only | |
| 4 | Counterweights | Yale | - | - | - | 5 nos | |

All the equipment is located at Gikindo.

To participate in this tender all bidders shall pay **Ten thousand Rwandan francs [10,000]** on the account number **100000184955 (MAGERWA)** opened at Bank of Kigali (BK).

Site visit is scheduled on Friday 07/03/2025 at 10:00 am local time.

Well printed bids must reach the office of the Chief Executive Officer not later than Monday **17th March 2025 at 10:00 am** local time. Late bids will be rejected.

The opening of the bids will take place on the **same day at 10.30 am**, local time, in the presence of the bidders or their representatives, in the conference room of MAGERWA.

Done at Kigali on 03/03/2025

DEREK ONG
Chief Executive Officer

MAGERWA Ltd * TIN/VAT 100018436 * KIGALI - RWANDA

Head Office – Gatenga (Gikondo), Kicukiro District. PO BOX 380, Kigali, Rwanda | Tel: 0788 141 126
Email : info@magerwa.com- Site : www.magerwa.com

2

## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Nyarugenge
Umurenge wa Muhima

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA AMASOKO**

Ubuyobozi bw'Umurenge wa MUHIMA burahamagarira ba rwiyemezamirimo,amakoperative n'abantu ku giti cyabo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi,banditse mu gitabo cy'ubucuruzi no muri TVA,ko hari amasoko akurikira:

| NO | NUMERO DE REFERENCE | IZINA RY'ISOKO | IGIHE NTARENGWA CYO GUTANGA DOSIYE | AHO AMAFARANGA AZATURUKA |
|---|---|---|---|---|
| 01 | 005/MHM/2024-2025 | Isoko ryo gusana ibiro by'Umurenge,Uruzitiro,Utugari n'Urwibutso rwa Sainte Famille NB:**Gusana ibiro bita ku nyubako,amazi n'amashanyarazi.** | 14/03/2025 | Ingengo y'Imari y'Umurenge wa Muhima |
| 02 | 007/MHM/2024-2025 | Isoko ryo gutanga serivisi yo gusana ibikoresho byo mu biro by'ikoranabuhanga ku Murenge no mu Tugari bigize Umurenge wa Muhima. | 14/03/2025 | Ingengo y'Imari y'Umurenge wa Muhima |

Ibitabo by'amabwiriza agenga ipiganwa biboneka mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Muhima guhera tariki ya 06 Gashyantare,2025 herekanywe urupapuro rwishyuriweho amafaranga ibihumbi icumi(10,000FRWS) y'Urwanda.Amakuru yo kwishyura aboneka ku rubuga rw'IREMBO cyangwa ku mukozi ushinzwe imisoro mu Murenge wa Muhima.

Amabaruwa afunze neza yanditseho inyito y'isoko igaragara mu mbonerahamwe iri hejuru,irimo ibiciro,Inyandiko y'ipiganwa imwe y'umwimerere na kopi eshatu(3) zayo zizatangwa mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Muhima bitarenze tariki ya 14/03/2025saa sita z'amanywa(12h00).

Gufungura amabahasha arimo inyandiko z'ipiganwa bizakorwa 14/03/2025 saa munani z'amanywa (14h00) mu cyumba cy'inama cy'UMURENGE wa Muhima.

Bikorewe ku Muhima ku wa 03 Merurwe,2025

**MUKANDOLI TUSIIME Grace**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

N° ........./02.04/06

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA HUYE
UMURENGE WA MARABA
E-mail : marabasector@huye.gov.rw
Phone : 0786828478

I. ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Maraba, mu Karere ka Huye buramenyesha ba rwiyemezamirimo bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga amasoko akurikira:
Lot N°1: 05/G/2024/2025/MARABA SECTOR: Kujyemura umucanga wo kubaka umukingo (Retaining wall) kuri Gs Shyembe
Lot N°2: 06/G/2024/2025/MARABA SECTOR: Kujyemura Gravier n' ibikwa bicyenewe mukubaka umukingo (Retaining wall) kuri GS Shyembe
Lot N°3: 07/G/2024/2025/MARABA SECTOR: Kujyemura Amabuye yo kubakisha umukingo (Retaining wall) kuri Gs Shyembe
Lot N°4: 08/G/2024/2025/MARABA SECTOR: Kujyemura ibikoresho byo muri quincallerie Bicyenewe mukubaka Umukingo kuri Gs Shyembe.
Abifuza gupiganira ayo masoko bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mu biro by'Ubunyamabanga bw'Umurenge guhera tariki ya 12/03/2025, nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi icumi y' U Rwanda 10,000Frw adasubizwa yishyurwa kuri compte ya RRA Decentralized Taxes iri muri bank y' ubucuruzi yo kugura igitabo cy'ipiganwa. Amabahasha afunze neza arimo ibiciro n'ibindi byangombwa bigaragara mu gitabo cy'amabwiriza y'ipiganwa bigomba kuba byagejejwe ku biro by'ushinzwe Ubunyamabanga bitarenze tariki ya 18/03/2025 i saa tanu zuzuye za mugitondo (11h00). Gufungura amabahasha mu ruhame ni kuri iyo tariki ya 18/03/2025 i saa tanu n'igice za mugitondo (11h30) mu cyumba cy'inama, abapiganwa bemerewe kuba babari cyangwa bahagarariwe.

N.B: Nta rwiyemezamirimo wemerewe gupiganirwa amasoko arenze abiri (Lot ebyiri)

Bikorewe i Maraba, taliki ya **06/03/2025**

**KARANGWA Jean Baptiste**
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Maraba

## ITANGAZO RY'ISOKO

**AKARERE KA NYAMAGABE**
**GROUPE SCOLAIRE KIGEME-A-**
**E.mail: gskigeme2@yahoo.com**
**Tel: 0788600587**

**ITANGAZO RY'ISOKO**

Ubuyobozi bwa Groupe Scolaire Kigeme-A- bufatanyije n'Akanama gashinzwe gutanga amasoko muri iryo shuri buramenyesha ba Rwiyemezamirimo babifitiye ubushobozi ko ryifuza gutanga amasoko **y'ibiribwa, ibikoresho byo mu biro n'iby'isuku.** Abifuza gupiganira ayo masoko bagomba kuba bafite:

- Ibyangombwa by'ubucuruzi.
- Kandi badafite impamvu ibabuza gupiganira amasoko ya Leta.

Ibitabo bikubiyemo ibyangombwa byose bisabwa n'amabwiriza agenewe ayo masoko biboneka ku ishuri rya GS Kigeme-A- mu minsi y'akazi hamaze kwishyurwa **amafaranga ibihumbi icumi (10,000 RWF)** adasubizwa kuri Konti y'ishuri **No: 4029200090909 iri muri EQUITY Bank** cyangwa kuri konti **No: 481-138267610-177 iri muri bpr BANK**. Abifuza gupiganira ayo masoko bagomba kuba bagejeje amabahasha afunze arimo ibiciro muri GS Kigeme-A- bitarenze tariki ya 05/04/2025 saa tatu za mu gitondo. Gufungura amabahasha ni kuri iyo tariki saa tatu n'igice (9h30) za mu gitondo mu cyumba cy'iryo shuri.

Bikorewe ku Kigeme, kuwa 07/03/2025

**HARERIMANA Emmanuel**
Umuyobozi w'Ishuri

## ITANGAZO RY'ISOKO

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA**

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'URUKIKO NO **RS/SCP/RCOM 00557/2022/TC RWO KUWA 11/01/2024** KUGIRANGO HISHYURWE UMWENDA NSIMIYIMANA GUONZAGUE NA MUKANDORI JEANNETTE ABEREYEMO INDATSIKIRA SACCO KIMIHURURA
UMUHESHA W'INKIKO Me NGENDAHAYO JEAN D'AMOUR ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA IMITUNGO IGIZWE N'UBUTAKA

**IMBONERAHAMWE YEREKANA IMITUNGO IGURISHWA:**

| No | UPI | AHO UBUTAKA BUHEREREYE | UBUSO BW' ICYUMBA | IGICIRO FATIZO | 5% INGWATE Y'IPIGANWA |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | 1/02/01/04/870 Ubutaka | Umudugudu:GISASA Akagari:NGARA Umurenge:BUMBOGO Akarere: GASABO | 426(SQM) | 14,910,000Frw | 745,500Frw |

**INGENGABIHE YA CYAMUNARA:**

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI CYAMUNARA IZABERAHO | ISAHA YO GUTANGAZA UWATSINZE |
|---|---|---|
| INSHURO2 | KUVA KUWA 08/03/2025 KUGEZA 15/03/2025 | SAA MOYA(7H00) |
| INSHURO 3 | KUVA KUWA **17/03/2025** KUGEZA 24/**03/2025** | SAA MOYA (7H00) |

- CYAMUNARA IZAKORWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA IPIGANWA RIZAKORERWA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW. ABIFUZA GUPIGANWA BAGOMBA KUBANZA KWISHYURA AMAFARANGA Y'INGWATE Y'IPIGANWA ANGANA NA 5%

1. KWISHYURA INGWATE KU ISHAMI RYA BANK YA KIGALI( BK): UGOMBA KWITWAZA NUMERO YO KWISHYURIRAHO INGWATE WASABIYE MURI SYSTEME YA CYAMUNARA "SABA KWISHYURA HAKORESHEJWE URUBUTO PAY "
2. KWISHYURA INGWATE UKORESHEJE IKORANABUHANGA: KWISHYURA UKORESHEJE MOBILE MONEY CYANGWA IKARITA YA BANK BIKORWA IMBERE MURI SISITEMU UGAKURIKIZA AMABWIRIZA TURABASABA KUBIKURIKIZA KUGIRA NGO MUHABWE SERIVISE INOZE

- GUSURA UMUTUNGO NI BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI KUVA SAA MBILI ZA MUGITONDO (8H00'AM) KUGEZA SAA KUMI ZA NIMUGOROBA (16H00'PM ) AMAFARANGA AZISHURWA KURI NKONTI NO 4410875795 IRI MU MAZINA YA NGENDAHAYO JEAN D,AMOUR

**BIKOREWE I KIGALI, KUWA 07/03/2025**

**UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA**
**Me NGENDAHAYO Jean d'Amour**









Prince Kid

# Prince Kid yatawe muri yombi afatiwe muri Amerika

KAMALIZA Agnes

***Urwego rushinzwe Abinjira n'Abasohoka n'Ubutabera muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, (U.S. Immigration and Customs Enforcement/ICE) rwatangaje ko rwataye muri yombi Ishimwe K. Dieudonne wamamaye nka 'Prince Kid', nyuma y'uko u Rwanda rutanze impapuro zo kumuta muri yombi kubera ibyaha akurikiranyweho byo gufata ku ngufu.***

Prince Kid w'imyaka 38, yafatiwe i Fort Worth muri Leta ya Texas ku ya 03 Werurwe 2025, nyuma yuko Ubushinjacyaha Bukuru bw'u Rwanda butanze impapuro zo kumuta muri yombi kuva ku wa 29 Ukwakira 2024.

Bivugwa ko yinjiye muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika mu buryo bwemewe n'amategeko ariko akaba atarubahirije amabwiriza agenga ukwemerwa kwe ku butaka bw'icyo gihugu.

Urwego rushinzwe iperereza muri Amerika (FBI) rwafashije ICE mu gikorwa cyo kumufata, akaba yaramenyeshejwe icyaha akurikiranyweho cyo gufata ku ngufu.

Josh Johnson, Umuyobozi w'agateganyo wa ICE mu ishami rishinzwe gukurikirana no kwirukana abinjira mu gihugu mu buryo butemewe, yavuze ko Amerika itazihanganira abanyabyaha bagerageza guhungira ubutabera mu bindi bihugu.

Yagize ati: "Abanyamahanga bahunga ubutabera bakwiye kumenya ko tuzabatahura. ICE izakorana ubudahwema na Leta yacu, polisi n'izindi nzego z'ubutabera mu guta muri yombi no kwirukana abateza umutekano muke mu miryango yacu."

Kuri ubu, Prince Kid afungiye kuri ICE, ategereje ko hafatwa icyemezo cyo kumwohereza mu Rwanda.

Gusa mbere y'uko afatwa yari yarahawe integuza yo kuzatabwa muri yombi nyuma y'uko bisabwe n'ubutabera bw'u Rwanda.

Prince Kid yamenyekanye mu Rwanda mu myaka yashize aho yateguraga amarushanwa y'ubwiza azwi nka; 'Miss Rwanda', nyuma aza gufatwa akurikiranyweho ibyaha bijyanye n'ishimishamubiri no guhoza ku nkeke abakobwa bayitabiraga.

# The Ben yatangaje ko izina ry'umwana rizaba rifitanye isano n'u Burayi

MUTETERAZINA Shifah

***Umuhanzi The Ben uherereye mu Bubiligi aho yagiye gushyigikira Bwiza, mu gitaramo cyo kumurika Album ye ya kabiri yise '25 Shades' yatangarije abacyitabiriye ko izina bazita umwana we na Pamella rizaba rifitanye isano n'Ibihugu byo ku mugabane w'u Burayi.***

Yabitangarije i Bruxelles, ku mugoroba wo ku wa Gatandatu tariki 08 Werurwe 2025, ubwo yari ku rubyiniro rw'igitaramo yagiye gufashamo Bwiza kumurika Album ye, cyari cyitabiriwe n'abiganjemo Abanyarwanda batuye mu Bubiligi n'ahandi ku mugabane w'u Burayi

Uyu muhanzi yabikoze nyuma y'uko muri icyo gitaramo we n'umugore we, batunguwe n'abakunzi babo babaha impano y'imyenda y'umwana bateganya kwibaruka.

Nyuma y'icyo gikorwa, The Ben na Pamella basabwe n'abari bayoboye icyo gitaramo guhishurira abacyitabiriye igitsina cy'umwana bazabyara.

Mu gihe abakunzi babo bari bakomeje gutomboza, The Ben yahise afata umugore we amuririmbira indirimbo 'True Love' aheruka kumuhimbira ndetse amashusho yayo akarikoroza ku mbuga nkoranyambaga, kubera ko Pamella ayagaragaramo nta mwenda uri ku nda ye, ibyanenzwe n'Abanyarwanda benshi.

Kubera intege nke Pamella yasabye kuva ku rubyiniro, The Ben asigara aririmbana n'abafana. Mu gihe yaganaga ku musozo yabwiye abakunzi be ko bitegura kwibaruka umwana w'umukobwa.

Yagize ati: "Ibijyanye n'igitsina cy'umwana tugiye kwibaruka byo, azaba ari umukobwa kandi tuzamwita izina rifite aho rihuriye na bino bihugu kubera igihango tugiranye namwe."

Aba bombi bari kumwe ku mugabane w'u Burayi, aho bitabiriye igitaramo cyo kumurika album '25 Shades' ya Bwiza cyabaye mu ijoro ryo ku wa 8 Werurwe 2025.

Biteganyijwe ko Uwicyeza Pamella ashobora kuzabyarira kuri uyu mugabane, kubera ko The Ben ateganya kuhakorera ibindi bitaramo.

Uretse The Ben na Pamella, umuhanzikazi Bwiza yashyigikiwe n'ibindi byamamare birimo Juno Kizigenza, umuhanzi wa Gospel Tonzi, Lucky Nzeyimana wanafatanyije na Ally Soudy kukiyobora hamwe n'abandi.



The Ben na Pamela baritegura umwana w'umukobwa

Imvaho Nshya
# Siporo

NO .E-3 TARIKI 04-10 Werurwe 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# APR FC yanganyije na Rayon Sports mu mukino utaryoheye ijisho

**SHEMA Ivan**

APR FC yanganyije na Rayon Sports ubusa ku busa mu mukino w'umunsi wa 20 wabaye kuri iki Cyumweru tariki ya 9 Werurwe 2025, Suri Stade Amahoro.

Amakipe yombi yagiye gukina yegeranye mu manota, aho Rayon Sports yari iyoboye Shampiyona n'amanota 42, irusha APR FC ya kabiri amanota abiri.

Wari umukino wa 105 uhuje amakipe yombi kuva mu 1995, mu mikino 104 yaherukaga, APR FC yatsinzemo 44, Rayon Sports itsindamo 33 mu gihe banganyije imikino 27.

APR FC yari yakiriye umukino yatangiye isatira izamu rya Rayon Sports harimo uburyo bwo ku munota wa Gatandatu ku mupira wahinduwe na Byiringiro Gilbert mu rubuga rw'amahina, ushyirwa muri koruneri na Souleymane Daffe.

Ku munota wa 11' Rayon Sports uburyo imbere y'izamu ku mupira Nshimiyimana Yunussu yahaye nabi Ruboneka, ufatwa na Rukundo Abdul Rahman ateye ishoti rinyura ku ruhande rw'izamu.

Ku munota wa 14' APR FC yahushije uburyo bw'igitego ku mupira Hakim Kiwanuka yahawe, atera intambwe eshatu, arekura ishoti rikurwamo na Khadime Ndiaye ujya muri Koruneri itagize ikivamo.




**APR FC yanganyije na Rayon Sports ubusa ku busa mu mukino w'umunsi wa 20 wabereye kuri Stade Amahoro.**

Ku munota wa 34' Rayon Sports yabonye uburyo imbere y'izamu ku mupira ku mupira mwiza wahinduwe Omborenga Fitina mu rubuga rw'amahina, Rukundo Abdul Rahman agorwa no kuwukina, ateye ishoti ridakomeye ujya hanze.

Kugeza ku munota wa 40 amakipe yombi yagabanyije umuvuduko wo gusatira abakinnyi bakina bizigama.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa.

Mu igice cya kabiri, amakipe yombi yakomeje gukinira umupira hagati cyane.

Ku munota 60' APR FC yakoze impinduka Lamine Bah asimburwa na Dauda Yussif, Hakim Kiwanuka asimburwa na Mugisha Gilbert.

Ni na ko byagenze Kuri Rayon Sports Biramahire Abeddy asimburwa na Aziz Bassane.

Ku munota wa 64' APR FC yabonye amahirwe yo gufungura amazamu ku mupira Mamadou Sy yafunze, awusubiza inyuma kuri Ruboneka uwucomekeye Mugisha Gilbert wirukanse agana mu rubuga rw'amahina, ateye ishoti rijya hejuru y'izamu.

Iminota 10 ya nyuma y'umukino nta kipe yagaragaje inyota yo gutsinda, abakinnyi bakinaga umupira wo kwiranaho.

Ku munota wa 87' Rayon Sports yashoboraga kubona igitego cy'itsinzi ku mupira watakajwe na Dauda Yussif ufatwa na Iraguha Hadji uwucomekeye Aziz Bassane, ageze mu rubuga rw'amahina awutera ku ruhande.

Umukino warangiye amakipe yombi anganyije ubusa ku busa.

Rayon Sports yakomeje kuyobora Shampiyona n'amanota 43 irusha APR FC ya kabiri amanota abiri.

Indi mikino yabaye uyu munsi, Mukura VS yatsinze Gorilla FC igitego 1-0 naho Rutsiro FC yatsinze AS Kigali ibitego 2-1.

**Abakinnyi 11 babaje mu kibuga ku mpande zombi**

***APR FC:***

Ishimwe Pierre, Byiringiro Jean Gilbert, Niyomugabo Claude (c), Nshimiyimana Yunussu, Niyigena Clément, Nshimirimana Ismael Pitchou, Ruboneka Jean Bosco, Lamine Bah, Hakim Kiwanuka, Denis Omedi na Djibril Ouattara.

***Rayon Sports:***

Khadime Ndiaye, Omborenga Fitina, Bugingo Hakim, Nsabimana Aimable, Yousou Diagne, Souleymane Daffé, Ndayishimiye Richard, Muhire Kevin (c), Rukundo Abdul Rahman, Iraguha Hadji na Biramahire Abeddy.